# IBYO UMUDIVENTISITI AKWIYE GUSOBANUKIRWA KU BUHANUZI MU GIHE CY'IMPERUKA

ITORERO RY'ABADIVENTISITI B'UMUNSI
WA KARINDWI MU RWANDA

Byateguwe n'Ihuriro ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi babaye muri Kaminuza y'u Rwanda i Butare/Huye (FAA-UR Huye)

Cyasuzumwe, cyemezwa kandi gishyirwa mu icapiro n'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi mu Rwanda (RUM)

Copyright © 2022
Rwanda Union Mission of Seventh-day Adventist Church

NDAGIJIMANA JMV

## ISHAKIRO

ISHAKIRO ....2
Ijambo ry'ibanze.... 4
INTANGIRIRO....6
I. UMUMARO W'UBUHANUZI KU MUKRISTO ....6
1.1 Gusobanura ubuhanuzi ....10
1.2 Izingiro ry'ubuhanuzi: Kristo Umwana w'Intama watambwe..14
1.3 Kuki Imana yaduhaye ubuhanuzi....15
II. BIMWE MU BIRANGA URUGAMBA RUHERUKA AMATEKA Y'ISI ...15
2.1 Ikimenyetso cy'Imana....18
2.2 Kwitegura kugaruka kwa Yesu....19
2.2.1 Kurangwa n'imibereho yitanga kandi ikorera abandi ..20
2.2.2 Kuba maso, gukora no gusenga....20
2.2.3 Kwerereza umusaraba wa Yesu....26
2.3 Ikimenyetso cy'inyamaswa....28
2.4 Igishushanyo cy'inyamaswa....32
2.5 Umubare 666 ....34
2.6 Bimwe mu byo Itorero rizahura na byo kugeza Yesu agarutse ..34
III. IBIMENYETSO BYO KUGARUKA KWA YESU N'AMAKURU Y'IBIBERA KU ISI....44
3.1 Ibimenyetso byo kugaruka kwa Yesu....44
3.2 Imihindagurikire y'ikirere n'ubuhanuzi....45
3.3 Icyorezo cya Koronavirusi n'ubuhanuzi....49
3.3.1 Ibyorezo no gusohora k'ubuhanuzi....49
3.3.2 Imiterere y'icyorezo cya Koronavirusi itandukanye ite n'ibindi byorezo?....52
3.3.3 Amateka y'agakoko ka Koronavirusi....53
3.3.4. Abadiventisiti bakwifata bate ku byerekeye urukingo rwa Koronavirusi?....55
3.3.5 Itorero rivuga iki kubirebana n'urukingo?....58
3.4. Imyaka 6000 mu kirangaminsi cya gihanuzi....62
3.5 Gutura ahitaruye imijyi....67
3.6 Itegeko ry'icyumweru no kuva mu mijyi ....75
3.7 Ingengabihe ya gihanuzi....78
UMWANZURO....81

**Ijambo ry'ibanze**

Nshuti muvandimwe ugiye gusoma iki gitabo, ndagira ngo nkwifurize kukivanamo ukunesha. Turi mu bihe biheruka nk'uko Ibyanditswe Byera bitubwira ko *"N'abahanuzi benshi b'ibinyoma bazaduka bayobye benshi."* (Matayo 24:11). Ndetse muri Mariko 13:22 havuga ko abo bahanuzi b'ibinyoma *"bazayobya n'intore niba bishoboka."* Aho ntiwaba uri muri izo ntore zivugwa abo bahanuzi babasha kuyobya?

Muri iki gihe hari abasobanura Ibyanditswe Byera byerekeye ubuhanuzi uko bishakiye. Nyamara Ibyanditswe biravuga ngo: *"Ariko mubanze kumenya yuko ari nta buhanuzi bwo mu byanditswe bubasha gusobanurwa uko umuntu wese yishakiye."* (2Petero 1:20).

Muri uru rugamba ruheruka, iki gitabo kigamije kutwereka ibyerekeye ubuhanuzi n'uko busobanurwa kugira ngo twirinde umutego wo gusobanura cyangwa gusobanurirwa ubuhanuzi uko butari. Kuko tutabaye maso twagwa mu mutego nk'uwo ababyeyi bacu ba mbere, Adamu na Eva, baguyemo igihe bumviraga inama inyuranye n'iyo Umuremyi wabo yari yababwiye. Nta gushidikanya guhitamo kwabo ni ko kugejeje iyi si aho igeze ubu kandi hadashimishije.

Reka mu gusoma iki gitabo tubihuze n'Ijambo ry'Imana kugira ngo tumurikirwe n'umucyo utuganisha mu nzira y'agakiza. Wowe ugize amahirwe yo gusoma iki gitabo ndizera ko uzasobanukirwa ubuhanuzi n'ubusobanuro bwabwo kandi ukanabifashisha abandi.

Yesu agiye kugaruka ariko aribaza ikibazo ngo *"Ariko Umwana w'umuntu naza, mbese azasanga kwizera kukiri mu isi?"* (Luka 18:8). Akamaro k'ubuhanuzi ni



ukutwiteguza Umucunguzi ugiye kuza. *"Nuko rero twe gusinzira nk'abandi ahubwo tube maso, twirinde ibisindisha."* (1Abatesalonike 5:6).

Imana itubashishe gusobanukirwa ubuhanuzi, icyo bwerekana, igihe cyabwo n'icyo butumariye.

**Pr. UMUREMYE Jolay Paul**
Ministerial Secretary
Rwanda Union Mission
Seventh-Day Adventist Church

## INTANGIRIRO

Ubwo hari hamaze kwaduka impaka zerekeye inyigisho zishingiye ku kugenzura no kwitegura ibihe by'imperuka zigishwa ahantu hatandukanye by'umwihariko ku mbuga nkoranyambaga, zaje kugera ku rubuga ruhuza abahoze ari abizera b'itorero rya Kaminuza (FAA-UR Huye). Mu gushaka umuti w'izi mpaka, ubuyobozi bw'uyu muryango bwafashe umwanzuro ko zikwiye kugenzurwa hakarebwa niba zihura n'inyigisho nzima, maze bushyiraho itsinda ryo kuzisesengura hifashishijwe Bibiliya n'Ibitabo by'Umwuka w'Ubuhanuzi.

Itsinda rimaze gusoma inyandiko zitandukanye zikoreshwa muri izi nyigisho ndetse no gukurikira zimwe mu zigishijwe ku mbuga nkoranyambaga, basuzumye imizi y'ikibazo n'amashami yacyo. Itsinda ryagarutse ku by'ibanze umudiventisiti akwiye kumenya mu buhanuzi n'inama zimwe ziri mu bitabo by'Umwuka w'Ubuhanuzi zafasha abantu muri ibi bihe by'imperuka.

### Intandaro y'izi nyigisho n'ibyo zibandaho

Izi nyigisho zishingira cyane ku makuru mu bya politike ariho by'umwihariko ayerekeye imihindagurikire y'ikirere n'ingamba zo kuyirwanya zifatirwa mu nama z'abayobozi b'isi ndetse n'umusanzu Itorero Gatolika ry'i Roma ryifuza gutanga mu gukemura iki kibazo. Nyuma y'umwaduko wa Koronavirusi (COVID-19) n'urukingo byaje guhabwa ubusobanuro bwa gihanuzi.

Ibi bikurikirwa no kwigisha ndetse no gufata ibyemezo kuri bamwe byitirirwa gushyira mu bikorwa inama zitangwa n'Umwuka w'Ubuhanuzi. Bimwe mu bimaze kugaragara harimo kureka imirimo no kwimuka bakajya gutura ahitaruye imijyi, kureka gusengera mu nsengero kuko kujya mu rusengero bigenwa na Leta bifatwa nk'igihamya cyo kwamburwa umudendezo wo gusenga, kubara no kugena umwaka Yesu azagarukamo n'ibindi.



Ibyinshi muri ibi bihuzwa n'inama yatanzwe na Papa mu butumwa bwe bwibanda kuri gahunda yo kurwanya imihindagururikire y'ikirere (Laudato Si), aho yerekena ko hakwiye kwiyambazwa imigenzo n'imyemerere y'Itorero Gatolika ry'i Roma harimo amasakaramentu, ukarisitiya no kuruhuka icyumweru mu gukemura ibibazo by'imihindagurikire y'ikirere. Iki abenshi bagifata nk'igihamya simusiga cy'uko itegeko ryo kuruhuka icyumweru rirwanya Isabato y'Imana ryatangiye.

Hagendewe ku mbaraga isi ishyize mu kurwanya imihindagurikire y'ikirere ndetse n'ijambo Papa ashaka kubigiramo, ndetse hashingiwe no ku isubi iboneka mu bitabo bitandukanye by'umwuka w'ubuhanuzi, havuga ko Satani yahawe imyaka 6000, bihuzwa n'amakuru y'ibirimo kuba, hakanzurwa ko iyi myaka izarangira mu muri 2027 bityo ko muri uyu mwaka, mbere y'uyu mwaka gato cyangwa nyuma yaho hashobora kuba ikintu kidasanzwe.

Nyuma yo kumva muri rusange aya makuru ariho, itsinda rimaze kureba icyo Bibiliya n'Ibitabo by'Umwuka w'Ubuhanuzi bivuga, bagerageje kureba ibisubizo ku bibazo bikurikira abantu bakwibaza kuri izi nyigisho:

1. **Ese umugambi w'ubuhanuzi ni uwuhe, ni ugukangura amarangamutima y'abantu? Ni mu buhe buryo abantu bakwiga ubuhanuzi bakagera ku mugambi Imana yari ifite ibwandikisha?**
2. **Ese icyifuzo cya Papa cyo kwifashisha inyigisho z'Itorero Gatolika ry'i Roma mu kurwanya imihindagurire y'ikirere cyafatwa nk'aho ari itegeko ry'icyumweru ryamaze kujyaho?**
3. **Ese inama za E. G. White zivuga iki ku byerekeye kuva mu mijyi?**
4. **Ese icyorezo cya COVID-19 cyaba ari igihimbano kigamije kwibasira umudendezo w'abaruhuka Isabato?**
5. **Ese ikimenyetso cy'Imana n'ikimenyetso**

**cy'inyamaswa bisobanurwa bite kandi bizakirwa bite?**

6. **Ese imyaka 6000 yaba ari imyaka iboneka mu kirangaminsi cya gihanuzi ku buryo cyaherwaho mu kugenekereza igihe Yesu azazira?**

Mu bice bikurikiraho, ibi bibazo byose ndetse n'ibindi bibishamikiyeho byarasesenguwe maze harebwa uko biteye, inama zitangwa na Bibiliya n'ibitabo by'Umwuka w'Ubuhanuzi zafasha usoma iyi nyandiko kubona umucyo wisumbuyeho kuri ibi bibazo bigibwaho impaka.

## I. UMUMARO W'UBUHANUZI KU MUKRISTO

Ubuhanuzi ni umugabane w'ubutumwa Imana yageneye ubwoko bwayo. Ubuhanuzi buba akenshi buri mu mvugo y'amarenga ikeneye gusobanurwa kugira ngo umuntu yumve ubutumwa nyirizina bukubiyemo. Ni yo mpamvu tuza gutangira turebera hamwe uburyo bukwiye bwo gusobanura ubuhanuzi, tukareba izingiro ry'ubutumwa bukubiye mu buhanuzi n'impamvu Imana yaduhaye ubuhanuzi.

### 1.1 Gusobanura ubuhanuzi

Ubuhanuzi ni umugabane umwe mu Byanditswe Byera. Kwiga no gusobanura ubuhanuzi, nubwo bifite umwihariko, bigendera ku mahame remezo yo gusobanura Bibiliya. Iyo usomye ku rubuga *https://www.adventist.org/documents/methods-of-bible-study/* uhasanga uburyo bukoreshwa mu kwiga Ibyanditswe ndetse no kwiga ubuhanuzi.
Nubwo tutaza kuvuga ku ngingo zose zatanzwe zifasha kwiga Bibiliya ndetse n'ubuhanuzi, reka tugaruke kuri zimwe muri zo:



**Gusobanura uhereye ku kuri kwigishwa n'Ibyanditswe**

1. Mwuka Wera yahumekeye mu banditsi ba Bibiliya abashyiramo ibitekerezo, intekerezo n'ubutumwa nyamukuru noneho abanditsi babishyira mu magambo yabo bwite. Kubera iyi mpamvu, Ibyanditswe Byera bisobetsemo imigabane y'ibyavuye ku Mana n'ibyavuye ku bahumekewe na Yo kandi nta mugabane n'umwe ukwiriye kwirengagizwa ngo urutishwe undi (2Petero 1: 21. Reba Ellen G. White, Intambara Ikomeye, p. 10, 11).
2. Gushyira mu gaciro kwa muntu kugeragereshwa Bibiliya. Ntikwayisumba cyangwa ngo kuyisimbure. Kugerageza gusobanura Bibiliya kugomba kuba gushingiye ku byo Bibiliya yigisha kandi kuyobowe nayo (1Kor. 2: 1-6). Imana yifuza ko habaho gukoresha inyurabwenge uko bishoboka kose ariko rigakoreshwa gusa mu mucyo no mu bubasha bw'Ijambo ry'Imana. Nta na rimwe inyurabwenge igomba gusimbura Ijambo ry' Imana

**Uko Bibiliya ikwiye kwigwa**

1. Sesengura umenye ingingo y'ibanze y'Ibyanditswe iri mu mirongo, ibice, n'ibitabo. Hari ingingo ebyiri z'ingenzi zuzuzanya zigize ubutumwashingiro Bibiliya yose yibandaho: (1) Yesu Kristo n'umurimo we hakaba na (2) Ishusho ngari y'intambara iri hagati y'icyiza n'ikibi, aho tubonamo ububasha bw'Ijambo ry'Imana, kugwa k'umuntu, Kuza kwa Kristo ku isi no Kugaruka kwe, gucungurwa byuzuye binyuze mu mugambi Imana ifitiye ibyaremwe byose. Uwiga Ibyanditswe wese akwiye guhishurirwamo izi ngingo zombi mu buryo burenze kwifindurira.
2. Iga ubusobanuro bw'igice runaka uhereye ku njyana y'ibivugwa mu mirongo ibanza cyangwa ikurikiyeho. Gerageza ugereranye kandi uhuze ibivugwa mu murongo runaka n'ubutumwa bw'ibanze icyo gitabo cya Bibiliya cyigisha.

**Mu gihe usobanura ubuhanuzi zirikana ibi bikurikira:**

1. Bibiliya ihamya ubuhanga/ubushobozi bw'Imana bwo guhishura ibizaza bitarabaho *(Yesaya 46: 10)*
2. Ubuhanuzi bugendereye kwigisha no gutesha, ntabwo bwandikiwe kumara amatsiko yo kumenya ibigiye kubaho. Undi mumaro w'ubuhanuzi ni ugukomeza kwizera *(Yoh. 14:29)* no kubaho imibereho irangwa no kwera kimwe no kwitegura Kugaruka kwa Yesu *(Mat. 24: 44; Iby. 22: 7;10;11)*
3. Ubuhanuzi bwose bushingiye kandi bwibanda kuri Yesu Kristo (Kuza kwe kwa mbere no Kugaruka kwe), itorero n' irangira ry'igihe.
4. Bibiliya ubwayo igaragaza amabwiriza ngenderwaho mu gusobanura ubuhanuzi: Bibiliya ivuga iby'ibihe bihanurwa hamwe n'ibizaranga gusohora kw'ibyo bihe; Isezerano Rishya rigaragaza mu buryo bweruye gusohora k'ubuhanuzi bwavuzwe kuri Mesiya nk'uko byari byaravuzwe mbere; Isezerano rya Kera na ryo ubwaryo ririmo byinshi bivuga ku byabaye n'ababayeho byerekezaga kuri Mesiya.
5. Mu gusobanuza ibyo mu Isezerano Rishya ibyo mu Isezerano rya Kera, amazina asanzwe yahawe ubusobanuro bwa gihanuzi. Urugero twavuga nk'izina Babuloni Isirayeli ryerekeza ku Itorero ry'Imana naho Babuloni rikerekeza ku myigishirize ivanga ukuri n'ibinyoma, hari n'izindi ngero.
6. Inyandiko z'ubuhanuzi zigabwamo amatsinda abiri y'ingenzi: Ubuhanuzi bwihariye/buterekeza ku mperuka y'isi, nk'uko bugaragara muri Yesaya na Yeremiya, n' ubuhanuzi rusange/bwerekeye iby'imperuka y'isi nk'uko bugaragara muri Daniyeli n'Ibyahishuwe; aya matsinda agaragazwa n'ibi bikurikira:

   (a) Ubuhanuzi buterekeye ku by'imperuka bugenewe by'umwihariko ubwoko bw'Imana naho Ubuhanuzi rusange bugenewe abantu bose



   (b) Ubuhanuzi bwihariye bugendera ku kigombero buburira ubwoko bw'Imana iby'inzira buzacamo bakagera ku migisha izanwa no kubaha buvuga kandi iby'imivumo bazabona baramutse banze kumvira; ubuhanuzi rusange bwibanda cyane ku gukomera kw' Imana n'Ububasha bwo kugenga ibiriho mu bihe byose.

   (c) Ubuhanuzi bwihariye bufatira kenshi ku gihe runaka cy'akaga bukagenda bukageza ku munsi w'Umwami. Naho ubuhanuzi rusange buvuga uruhererekane rw'amateka y'ibihe kuva mu gihe cy'umuhanuzi kugeza ku iherezo ry'isi.

   (d) Igihe ibihanurwa mu buhanuzi bwihariye bimara usanga ari kirekire, twavuga nk'imyaka 400 Isirayeli yamaze mu bubata *(Itangiriro 15:13)* ndetse n'imyaka 70 yo kunyagwa na Babuloni *(Yer. 25: 12)*. Igihe ibihanurwa mu buhanuzi rusange bimara usanga cyagizwe kigufi, twavuga, iminsi 10 *(Ibyah. 2: 10)* cyangwa amezi 42 *(Ibyah. 13: 5)*. Ibihe bihanurwa mu buhanuzi rusange biba bivuze mu mvugoshusho irengurira ku bindi bihe birebire by'amateka asanzwe.

7. Ubuhanuzi rusange burazimije kuko bukoresha imvugoshusho kandi ni ko bukwiye gusobanurwa. Ubu ni bwo buryo bukwiye gukoreshwa mu gusobanura imvugoshusho iri mu buhanuzi:

   (a) Shaka ubusobanuro (buziguye n'ubutaziguye) buboneka muri icyo gice ubwacyo (nko muri *Dan. 8: 20-21; Ibyah. 1: 20)*

   (b) Shakira ubusobnuro ahandi buboneka muri icyo gitabo cyangwa mu bindi bitabo uwo mwanditsi yanditse.

   (c) Sanisha ubusobanuro bw'imvugoshusho runaka n'ahandi yasobanuwe mu Byanditswe Byera.

   (d) Kwiga iby' inyandiko za kera zo mu bihugu by'iburasirazuba bwa hafi bishobora gutanga umucyo ku busobanuro bw'imvugoshusho nubwo

imikoreshereze yazo mu Byanditswe Byera ishobora kuzana ubundi busobanuro bwiharije.

8. Uko imyandikire y'igitabo iteye na ko kwafasha mu kugisobanura. Ibi bigaragara neza mu buhanuzi bubonekа mu gitabo cya Daniyeli aho ubanza ubu buhanuzi bubangikanye uko ibice bikurikirana.

Mu kwiga no gusobanura ubuhanuzi, inama yatanzwe mu Byigisho biyobora abakuze kwiga Bibiliya byo mu gihembwe cya 1/2019 ni ingenzi cyane. Mu ijambo ry'ibanze hari amagambo akurikira:

*"Uburyo bukwiye mu gusobanura ubuhanuzi bwo mu Byahishuwe ni ubushingiye kuri Kristo. Igitabo cyose cyanditswe kigamije kuri Kristo. Muri Kristo gusa niho ibimenyetso n'amashusho yo mu Byahishuwe bitanga ubusobanuro bwumvikana kandi bufite inama".*

Mu gusoza iki gice, ni ngombwa kuzirikana inama n'umuburo byatanzwe na Petero, mu rwandiko rwe rwa 2, igice cya 1:19-20 *"Nyamara rero dufite ijambo ryahanuwe rirushaho gukomera, kandi muzaba mukoze neza nimuryitaho, kuko rimeze nk'itabaza rimurikira ahacuze umwijima rigakesha ijoro, rikageza aho inyenyeri yo mu ruturuturu izabandurira mu mitima yanyu. Ariko mubanze kumenya yuko ari nta buhanuzi bwo mu Byanditswe bubasha gusobanurwa uko umuntu wese abyishakiye, kuko ari nta buhanuzi bwazanywe n'ubushake bw'umuntu, ahubwo abantu b'Imana bavugaga ibyavaga ku Mana bashorewe n'Umwuka Wera".*

Aha hatwereka umugambi w'ikubitiro w'ubuhanuzi, inkomoko yabwo ndetse hatwibutsa ko dukeneye Mwuka Wera kugira ngo atwumvishe ubutumwa yahaye abahanuzi

**1.2 Isingiro ry'ubuhanuzi: Kristo Umwana w'Intama watambwe**

Ubuhanuzi buhuriza hamwe ibikorwa bikubiye mu nama y'agakiza n'ibikorwa bikubiye mu ntambara ikomeye hagati



y'ikibi n'icyiza, ukuri n'ibinyoma, hagati ya Kristo na Satani. Muri ibi byerekezo byombi Yesu ni we uza ku ruhembe rw'imbere. Mu buhanuzi bwa Daniyeli yavuzwe nka Mesiya ugasa ndetse na Mikayeli ukomeye, umugaba w'ingabo z'Imana. Aha agaragara nk'Umucunguzi n'Umutabazi w'ubwoko bw'Imana. Mu Byahishuwe agaragara nk'uwiha ku iherezo akazahesha mu ntambara zose Satani arigatahu kugeza ku ndunduro y'ibibi, ubwo azahindura byose bishya, urupfu, icyaha na Satani bigatsembwa burundu. Ni Umuneshi, Ntama w'Imana watambwe agacungurira Imana abantu.

Umwanditsi w'Ibyigisho by'ishuri ryo ku Isabato biyobora abakuze mu kwiga Bibiliya byo mu gihembwe cya 1/2019 byitwa *Ibyahishuwe*, ku rupapuro rwa 10 yabivuze mu magambo akurikira:

"Mu Byahishuwe, kugaruka kwa niwo mugambi amateka yose yerekezaho. Kugaruka kwa Yesu Kristo kuzashyira iherezo ku mateka y'iyi si, n'itangiriro ry'Ubwami bw'Imana, kubaturwa ku kibi, agahinda, umubabaro n'urupfu."

Kubera ko ubuhanuzi buvuga ku mateka yo gucungura mbere yuko abaho, kubwiga no kubwumva bikwiye kuvoma ku mucyo ukomoka ku musaraba wa Yesu Kristo.

**Ubuhanuzi bwa Daniyeli na bwo bwerekezaga kuri Kristo:** "Ibyumweru 70 bitegekewe ubwoko bwawe n'umurwa wera kugira ngo ibicumuro bicibwe n'ibyaha bishire, gukiranirwa gutangirwe impongano haze gukiranuka kw'iteka. Ibyerekanywe n'ibyahanuwe bifatanishwe ikimenyetso, ahera cyane hasigwe amavuta." —*Daniyeli 9:24; Ellen G. White, Uwifuzwa ibihe byose (2014), pp. 170, 171.*

Kuvuka, kubaho, gupfa no kuzuka kwa Yesu Kristo byasohoje ubuhanuzi ubundi buhanuzi bwose bwubakiyeho. Ubwo yavugaga iby'urupfu rwe, yagize ati: Ubu urubanza rw'ab'isi rurasohoye, ubu umutware w'ab'iyi si abaye igicibwa. Nanjye nimanikwa hejuru y'isi, nzireherezaho abantu bose *(Yohana 12:31-32).*

Mu ijuru humvikanye aya magambo: "Numva ijwi rirenga rivugira mu ijuru riti: **Noneho agakiza karasohoye, gasohoranye n'ubushobozi n'ubwami bw'Imana yacu n'ubutware bwa Kristo wayo**. Kuko umurezi wa bene data ajugunywe hasi, wahoraga abarega ku manwa na nijoro imbere y'Imana yacu." *—Ibyah. 12 :10; Ellen G. White, Uwifuzwa ibihe byose (2018), pp. 600, 601.*

Ibizima n'abakuru makumyabiri na bane bari imbere y'intebe y'Imana nabo baririmbye iyi ntsinzi:

*"Amaze kwenda icyo gitabo, bya bizima bine na ba bakuru makumyabiri na bane bikubita imbere y'Umwana w'Intama, bafite inanga n'inzabya z'izahabu zuzuye imibavu, ari yo mashengesho y'abera.*

*Nuko baririmba indirimbo nshya bati "Ni wowe ukwiriye kwenda igitabo no kumena ibimenyetso bigifatanije, kuko watambwe ugacungurira Imana abo mu miryango yose no mu ndimi zose, no mu moko yose no mu mahanga yose ubacunguje amaraso yawe,*

*Ukabahindurira Imana yacu kuba abami n'abatambyi, kandi bazima mu isi."*

*Ndareba numva ijwi ry'abamarayika benshi bagose ya ntebe na bya bizima na ba bakuru, umubare wabo wari inzovu incuro inzovu n'uduhumbi n'agahumbagiza.*

*Bavuga ijwi rirenga bati "Umwana w'Intama watambwe ni we ukwiriye guhabwa ubutware, n'ubutunzi n'ubwenge n'imbaraga, no guhimbazwa n'icyubahiro n'ishimwe!"*

*Nuko numva ibyaremwe byose byo mu ijuru no mu isi, n'ikuzimu no mu nyanja n'ibibirimo byose bivuga biti "Ishimwe no guhimbazwa n'icyubahiro n'ubutware bibe iby'Iyicaye ku ntebe n'iby'Umwana w'Intama iteka ryose." Nuko bya bizima bine birikiriza biti "Amen!" Ba bakuru bikubita hasi baramya Ihoraho iteka ryose!* **Ibyahishuwe 5:8-14.**



Dushingiye ku buhanuzi bwa *Daniyeli 2: 44,45*, dusanga hari ubwami butazahanguka buzakuraho ubwami bwose bw'abantu. Ibyo twizeye byose ko tugiye kuzahabwa bizashoboka kubera insinzi ya Yesu Kristo ku musaraba. Ellen White yabivuze mu magambo akurikrira:

"Hirya y'umusaraba w'i Kaluvari, ndetse n'umubabaro n'isoni bigendana na wo, Yesu yarebye ku munsi ukomeye w'imperuka, ubwo umutware w'imbaraga zo mu kirere azarimburirwa mu isi yahindanije igihe kirekire kubwo kwigomeka kwe. Yesu yabonye umurimo w'umubi ugera ku iherezo maze amahoro y'Imana yuzura isi n'ijuru. Guhera icyo gihe abayoboke ba Yesu bagombaga kubona Satani nk'umubisha watsinzwe. Yesu yari agiye kubabonera intsinzi ku musaraba, kandi yifuzaga ko bemera ko iyo ntsinzi ari iyabo." *- Ellen G. White, Uwifuzwa Ibihe byose (2018), p. 387.*

Iyo uhagaze ku musaraba, ubona Satani yaraneshejwe burundu, ukabona Yesu ari Umwami w'abami iteka ryose. Ellen White atubwiriza kudakabiriza ububasha bwa Satani muri aya magambo: "Hari abakristo batekereza kandi bakavuga byinshi byerekeye ku mbaraga za Satani. Batekereza ku mwanzi wabo, bagasenga bamuvugaho, bakaganira ibimwerekeyeho maze bigatuma ahora ameze nka baringa mu ntekerezo zabo. Ni iby'ukuri ko Satani ari ikiremwa gifite imbaraga; ariko Imana ishimwe, dufite Umukiza w'umunyambaraga, ari na we wirukanye Satani mu ijuru. Iyo dukuririza imbaraga za Satani biramushimisha. Ni kuki tutaganira ibya Yesu? Ni kuki tutakwerereza urukundo rwa Yesu n'imbaraga ze?" *(Reba na none igitabo cyavuzwe haruguru)*. "Ibanga ry'umusaraba riduhishurira andi mabanga yose" *- Ellen G. White, Intambara Ikomeye, p. 455.*

Bityo rero, kwiga ibyerekeye umusaraba nk'izingiro ry'itambara hagati y'umutware w'ikibi n'Umwami w'icyiza birihutirwa.

### 1.3 Kuki Imana yaduhaye ubuhanuzi

Abadiventisiti bizera ko ubuhanuzi ari uburyo Imana ikomeza kuvuganiramo natwe. Agatsinda, "Umwuka w'Ubuhanuzi ni we uhetse guhamya kwa Yesu", icy'ingenzi mu butumwa bw'Imana bw'urukundo- buvuga ko Imana igomba kudupfira ngo ubugingo bwacu bukizwe. Reba urubuga https://www.adventist.org/gift-of-prophecy/prophecy/.

Amagambo akurikira aboneka mu *Byigisho biyobora abakuze kwiga Bibiliya byo mu gihembwe cya 1/2019, ku rupapuro rwa 7* agaruka ku mugambi w'ubuhanuzi:

"Umugambi w'ikubitiro w'ubuhanuzi bwa Bibiliya ni ukuduha ibyiringiro ko, uko ahazaza hamera kose, Imana nta cyayisoba, byose ibifiteho ububasha. Ibyahishuwe bishimangira ibyo bitwereka ko Yesu Kristo ari kumwe n'ubwoko bwe, mu mateka yose bunyuramo no mu bigeragezo bishishana byerekeza ku ndunduro y'isi. Ni yo mpamvu, ubuhanuzi bwo mu Byahishuwe bugambiriye ibintu bibiri bifatika: kutwigisha uko dukwiye kubaho muri iki gihe, no kudutegura kubw'ahazaza".

Iki gitabo gikomeza kuri uru rupapuro gisobanura umugambi w'ubuhanuzi bw'ibizaba mu minsi y'imperuka mu magambo akurikuria:

"Ubuhanuzi bwo mu Byahishuwe buvuga ibizaba mu minsi y'imperuka ntabwo bwatangiwe kutumara amatsiko ku byerekeye ahazaza. Iki gitabo gihishura gusa ibyerekeye ibizabaho dukeneye kumenya. Byahishuriwe kugira ngo bitwereke uburemere bw'ibizabaho, bitume tumenya ko dukeneye kwisunga Imana, kandi muri uko kuyisunga, tuyumvire".

Muri iki gitabo hatanga umwitangirizwa ukurikira:

"Mu binyejana byinshi, hakomeje kubaho guhuzagurika-cyane cyane no gukangura amarangamutima- biherekeje



inyigisho zivuga ibizaba mu bihe biheruka. Abenshi mu bahanura ibyenda kubaho, birundanirijeho ubutunzi, bakangaranije abantu ngo batange amafaranga yabo mu gushyigikira uwo murimo wabo, bavuga ko iherezo riri bugufi. Nyamara, buri gihe, iherezo ntabwo ryaje, abantu baza kubona ko bahenzwe ubwenge, bacika intege. Nubwo Imana yaduhaye ibintu byiza byinshi, na none, ubuhanuzi bushobora gukoreshwa nabi ndetse bukanasobanurwa uko butari".

Ni ingenzi rero kumva neza umugambi Imana yari ifite iduhishurira iby'igihe kizaza, tukabyiga duhamanya n'icyo yifuzaga itanga ubuhanuzi.

## II. BIMWE MU BIRANGA URUGAMBA RUHERUKA AMATEKA Y'ISI

Amarembera y'isi azarangwa no guhangana kwa Kristo na Satani. Ku ruhande rwa Kristo hazaba hari abafite ikimenyetso cy'Imana naho ku rwa Satani hari abafite ikimenyetso cy'inyamaswa.

Iyi nyandiko igaruka kuri ibi bimenyetso byombi, ndetse n'icyo Bibiliya n'ibitabo by'Umwuka w'Ubuhanuzi bitubwira mu kwitegura kwakira ikimenyetso cy'Imana no kwirinda icy'inyamaswa.

### 2.1 Ikimenyetso cy'Imana

Ikimenyetso cyagiye gikoreshwa n'Imana mu mateka ya Bibiliya, kugira ngo igaragaze ko ikintu cyangwa abantu ari abayo. Hari ubwo cyabaga ari ikimenyetso kigaragara nko gukebwa (reba Abaroma 4:1), abantu bashobora kukibona cyangwa kikaba ubwacyo kitabonwa n'amaso y'abantu, ariko na none bashobora kubona ikintu kigifite cyangwa umuntu ugifite ko atandukanye n'abandi, urugero Farawo yabonye ko Yosefu afite ikintu cyihariye mu Itangiriro 41:37 "tuzabone hehe umuntu umeze nk'uyu, urimo umwuka w'Imana?".

**Ikimenyetso cy'Imana kivugwa mu Byahishuwe 7 na 14 ni ikihe?**

Usomye *Ibyigisho biyobora abakuze kwiga Bibiliya byo mu gihembwe cya 1/2019 bivuga ku Byahishuwe, mu cyigisho cya 6, ingingo yo kuwa mbere* hari aya magambo akurikira:

Mu bihe bya kera umugambi w'ikubitiro wo gushyirwaho ikimenyetso ni ukugaraza nyir'icyashyizweho ikimenyetso. Mu Isezerano Rishya, gushyirwaho ikimenyetso bisobanura ko: ''Uwiteka azi abe *(2Timoteyo 2:19)*. Uwiteka amenya abe akabashyiraho ikimenyetso cya Mwuka wera *(Abefeso 1:13,14;4:30)*.

**Ese abashyizweho ikimenyetso bazarangwa n'iki?**

Amagambo yakuwe muri gitabo cya *Ellen G. White* yerekana ko abashyizweho ikimenyetso bazarangwa no "gushikama mu kuri, haba mu bwenge no mu bya mwuka, ku buryo bibashisha ubwoko bw'Imana kutanyeganyega" —*Ellen G. White, Last-Day Events, p. 220.*

By'umwihariko ikimenyetso cyo mu Byahishuwe 7, kigaragara nk'uburyo bwo kurindwa kugerwaho n'ibyago birindwi by'imperuka".

**Isabato ihurira he n'ikimenyetso cy'Imana?**

Muri ibi byigisho byavuzwe haruguru, hagaragaza ko "Intore z'Imana zakomeje kugeragezwa uko ibihe bihaye ibindi. Nyamara, ikigeragezo zizahura na cyo mu ntambara iheruka kizaba gishingiye ku mategeko y'Imana (Ibyah. 12:17, 14:12). By'umwihariko itegeko rya kane rizaba igipimo cyo kumvira Imana (Ibyah. 14:9-11). Isabato yakomeje kuba ikimenyetso cy'ubwoko bw'Imana mu bihe bya Bibiliya (Ezek. 20:12, 20; Abah. 4:9,10), izakomeza kuba ikimenyetso cy'abanamba ku Mana mu ntambara iheruka.



Kuri twe no ku Bisirayeli, Isabato twayihawe nk'isezerano rihoraho." Kuri abo bubahiriza umunsi wayo wera w'Isabato, ni ikimenyetso kuri bo cy'isezerano ryayo. Buri wese wemera ikimenyetso cy'ingoma y'Imana, aba ari mu isezerano ry'ijuru ry'iteka ryose. Aba yiziritse ku murunga w'izahabu wo kumvira, buri pfundo ryawo rigizwe n'isezerano (byakuwe mu gitabo cya *Ellen G. White* cyitwa *Counsels for the Church, p. 261.3*). Amen,

.

Igitabo cyanditswe *na Robert J. Wieland* hari amagambo agaruka ku kuri kw'Isabato akurikira:
"Ni ngombwa kuzirikana ko gukomeza Isabato by'ukuri ari imbuto yo guhindukirira Kristo by'ukuri. Kwakira ikimenyetso cy'Imana binyuze mu gukomeza Isabato ni ukwakira umurimo wa Mwuka Wera mu mitima yacu, ari byo bisobanura kuruhuka icyaha n'inarijye: Nuko rero ku bw'ibyo haracyariho uburuhukiro bw'Isabato bubikiwe abantu b'Imana, kuko uwinjiye mu buruhukiro bwayo na we aba aruhutse imirimo ye nk'uko Imana yaruhutse imirimo yayo. *Abaheburayo 4:9, 10; Robert J. Wieland, Revelation of things to come, p. 66*

Amagambo akurikira ya Ellen G. White abisobanura mu buryo bukurikira:

"Abamarayika basoma ikimenyetso- mbese ikimenyetso cy'Imana nzima, ishyira mu ruhanga rw'intore zayo ni ikihe? Ni ikimenyetso kidashobora gusomwa n'abantu ariko abamarayika bo babasha kugisoma, kuko marayika murimbuzi agomba kubona iki kimenyetso cyo gucungurwa. Uyu ufite ubwenge, yabashije kubona ikimenyetso cy'umusaraba w'i Kaluvari mu bahungu n'abakobwa yagize abe. Icyaha cyo kwica amategeko y'Imana cyabakuweho. Bari bambaye umwenda w'ubukwe, kandi bakomezaga amategeko yose y'Imana bakayumvira."-*Ellen G. White, Ibaruwa 126, 1898.* Amen

Kwitegura ikimenyetso cy'Imana ni ukwemera kuyoborwa na Mwuka Wera, duhabwa iyo tumaze kwizera Yesu Kristo. Pawulo yabivuze muri aya magambo: "Mbese Ibaha Umwuka, igakora ibitangaza muri mwe, ibikoreshwa n'uko mukora imirimo itegetswe n'amategeko, cyangwa ni uko mwumvise mukizera? (*Abagalatiya 3:5*). Abayoborwa na Mwuka bose ni bo bana b'Imana (*Abaroma 8:14)*". Iyi myiteguro ni imwe n'iyo kwitegura kwakira imvura y'itumba, no kwemera inama y'Umugabo wo guhamya ukiranuka w'Ukuri agira itorero rya Lawodikiya. Ni ukwakira gukiranuka kwa Kristo.

*Ellen G. White* aturarikira kutirengagiza kugira imyiteguro ikwiriye agira ati: "Nabonye ko benshi birengagiza umwiteguro ukenewe cyane nyamara bakaba bari bategereje igihe "cy'ihemburwa" "n'imvura y'itumba" bibategurira kuba abantu bashyitse bazahagarara mu munsi w'Uwiteka kandi bakaba imbere ye. Mbega uko mu gihe cy'akaga nabonye abantu benshi badafite ubwihisho! Bari barasuzuguye imyiteguro yari ikenewe... Nabonye ko nta muntu n'umwe wabashaga guha undi ihemburwa. Bazarihabwa gusa nibatsinda ibitero byose, bagatsinda ubwibone, kwikanyiza, gukunda iby'isi ndetse bagatsinda ijambo ribi ryose n'ibikorwa bibi byose. Kubw'ibyo, twari dukwiriye kurushaho kwegera Uwiteka kandi tugashishikarira gushaka uwo mwiteguro ukenewe kugira ngo utubashishe guhagarara mu rugamba ku munsi w'Uwiteka. Nimutyo abantu bose bibuke ko Imana yera kandi ko nta n'umwe ubasha gutura aho iri uretse ibiremwa byera." —*Ellen G. White, Inyandiko z'Ibanze (2018), p.76.*

### 2.2 Kwitegura kugaruka kwa Yesu

Ijambo ry'Ikigiriki *Parousia*, rivuga "Kugaruka kwa Kristo" rikoreshwa hose mu Isezerano Rishya ..., ni



imvugo yabugenewe ishaka kuvuga kuza k'Umwami cyangwa Umunyacyubahiro. Niba iyo myiteguro yose yarategurizaga kuza kw'abategetsi b'isi, mbese twebwe ntitugomba gukora iyo bwabaga tugategurira imitima yacu kuza k'Umwami n'Umukiza wacu? (*Ibyigisho Biyobora Abakuze Kwiga Bibiliya mu Ishuri ryo ku Isabato, igihembwe cya 4 cya 2014, icyigisho cya 11, ingingo yo ku Isabato Nimugoroba, 06 Ukuboza 2014*).

Intumwa zose zari zihanze ibyiringiro byazo ku kuza kwegereje kwa Yesu (Abaroma 13: 11, Abaheburayo 10: 25, Yakobo 5: 9), ariko ntibigeze bamenya neza igihe ibyo bizabera. Bashakaga kubimenya nk'uko natwe tubyifuza, ariko Yesu yabasobanuriye ko kuri bo, iyi nkuru atari yo nziza cyane bakwiriye kumenya (Ibyakozwe n'Intumwa 1: 6). Mbese bari kurushaho kugira umwete wo kubwira ab'isi ubutumwa bwiza bate, iyo baza kumenya ko umurimo utazarangira mu myaka hafi ibihumbi 2,000 no gukomeza? (*Ibyigisho Biyobora Abakuze Kwiga Bibiliya mu Ishuri ryo ku Isabato, igihembwe cya 4 cya 2014, icyigisho cya 11, ingingo yo ku wa kabiri, 08 Ukuboza 2014*).

Itorero ryasigaye rigomba kwitegura kugaruka kwa Yesu riri maso kandi risenga. Ibyanditswe bigaragaza uko rigomba kuba rihagaze n'ibyo rigomba kwitaho:

#### 2.2.1 Kurangwa n'imibereho yitanga kandi ikorera abandi

Imana itegereje kubona ubwoko bwayo bwuzuwe n'umwuka wo kwitanga, buri wese agakora nk'uko imbaraga zose afite zingana mu kwitangira abandi. Birababaje ko hari ubwo abantu batita ku ruhare rwabo bwite ngo bakore ibyo bashoboye, bagaharira umurimo ibigo, amatsinda cyangwa itorero. Babona uko biyerurutsa bagahunga inshingano bagakoze kuko babiharira amatsinda (*Ellen G. White, Last-Day Events, 70. Devotional Life of the Remnant)*. Dukwiye gusanga

abakeneye ubufasha bwacu. Isi iratabaza. Dutabare bwangu. "Ineza yanyu imenywe n'abantu bose, Umwami wacu ari bugufi" ***Abafilipi 4: 5***.

### 2.2.2 Kuba maso, gukora no gusenga

"Uwiteka yiteze ko abasigaye bagomba kuvuga ubutumwa bwiza mu mbaraga nk'izaranze umurimo wa Yohana Umubatiza mu butayu. Kugira ngo tubashe gukora nk'uko yakoraga tugomba kugenda nk'uko yagendaga. Guhanga amaso Imana bizatuma twivanaho amaso dutsinde inarijye. Nitubana n'Imana bizaduhindura nka Yesu kandi isi izabibona nk'uko byagendekeye intumwa za mbere. Isengesho no kujya ku murimo bikwiye kuturanga rwose." *— Ellen G. White, Last-Day events, 66; Devotional life of the Remnant.*

"Tugomba kuba maso, gukora no gusenga. Uburinzi bwacu bushingiye gusa mu gukomeza gukora umurimo, turi maso kandi dusenga iteka twishingikirije kuri wa wundi Wari Warapfuye ariko akaba Ariho kandi Azahoraho iteka ryose." *—Ellen G. White, Testimony for the Church 5: 200.*

Tugomba kuba ku murimo kugeza Kristo agarutse. 'Mube muzigenzura kugeza aho nzazira", "Mube maso! Mukomerere mu byo mwizeye, mube abagabo nyabagabo mwikomeze. Ibyo mukora byose mubikorane urukundo." *Luka 19: 13; 1 Kor 16:13-14, 16.* Nuko mube maso kuko mutazi umunsi Umwami wanyu azazaho, Matayo *24:42.*

### 2.2.3 Kwerereza umusaraba wa Yesu

Imyumvire yo kwerekwa umusaraba nk'inzira yo kwiyeza, kwemerwa n'Imana no gutsindishirizwa yakuruye urujijo, iteza umwijima utuma abantu badashyikira neza ubusobanuro bw'umusaraba n'umwanya wawo mu mibereho y'ibya mwuka.

Kimwe mu bikurura iyi myumvire ni ukutumva neza uko abantu bagirwa intungane imbere y'Imana kimwe no kumva nabi igitabo cy'Umugenzi cyanditswe na Yonahi Bunyani, cyane ko cyanditse mu mvugoshusho (allegory style) abantu ntibumve ubutumwa umwanditsi yatanze muri iyo mvugo by'umwihariko ku rupapuro rwa 37 ahavuga uko yageze ku musaraba. Usomye iki gitabo ukagihuza n'ubusobanuro rusange bwa Bibiliya, usanga yarerekezaga ku buryo umuntu wamaze kumenyeshwa na Mwuka ko ari umunyabyaha, aruhurwa no kumenya ko igitambo cy'i Kaluvari cyishyuye umwenda w'ibyaha.

Amagambo yakuwe mu nyandiko zitandukanye z'ibitabo by'Umwuka w'Ubuhanuzi agaragaza ko umusaraba ukwiye kugira umwanya w'imbere mu ivugabutumwa.

Iyo usomye ku rubuga: ***https://whiteestate.org/devotional/mar/04_02/*** uhasanga amagambo yerereza umusaraba mu buryo bukurikira yakuwe mu *gitabo Maranata urupapuro rwa 100*:

"Ariko jyeweho sinkirata ikindi, keretse umusaraba w'Umwami wacu Yesu Kristo wateye ko iby'isi bimbera nk'ibibambwe, nanjye nkabera iby'isi nk'ubambwe. *Abagalatiya 6:14*.

Imana yampaye ubutumwa bwo kugeza ku bwoko bwayo... mwaguzwe igiciro, ibyo mufite byose bigomba gukoreshwa ku bw'ikuzo ry'Imana no ku bw'ineza ya bagenzi banyu. Kristo yapfiriye ku musaraba ngo arokore isi irimbuka. Aragusaba gufatanya na we muri uyu murimo. Ukwiye kuba ikiganza yifashisha. Mu murava no mu kudacongora, ukwiye gushaka uko wakiza abarimbuka...

Aya magambo akurikira yasonzoranijwe mu bitabo by'Umwuka w'Ubuhanuzi agaragaza ubusobanuro bw'umusaraba n'umwanya wawo mu mibereho y'umukristo. Aboneka ku rubuga ***https://www.ministrymagazine.org/archive/1992/10/lifting-up-the-cross***

## Ni wo bwishingizi bw'agakiza

"Ese ni Umukiza wanjye? Ese kuri iyi saha nshobora kwishingikiriza ku byo yakoze? Ese nshobora kwegurira Yesu Kristo ubugingo bwanjye uyu munsi? Yego. None byakorwa bite? Ni ubuhe bwishingizi nagira? Ndakurangira Kristo w'i Kaluvari. Ese ushobora guhagarara munsi y'igicucu cy'umusaraba, ukahavugira iby'umusaraba wawe, ibyakubereye umwijima, n'ibitekerezo byawe bibi? Ese Wabasha kubikora? Ese watinyuka kubikora? Ushobora gutinyuka ukabikora wishingikirije igicucu cy'umusaraba kubera igitambo gihebuje cyahatangiwe gituma nkunda Imana. Byabereyeho kugira ngo mbashe kugaragaza ishusho y'Imana muri Yesu Kristo. None se ubwo igitambo cyatangiwe njye, birakwiye ko ndeka abantu bose bakamenya ko ibi bifite icyo bisobanuye? Ese nabasha kureka isi ikamenya ko Yesu, Umukiza mwiza, yatanze igitambo gihebuje gityo ngo abe ibyiringiro by'ubwiza, kandi ngo mbashe kwishimira mu rukundo rwe?" —*Ellen G. White, Sermons and Talks, vol. 1, p. 208.*

"Binyuze muri Kristo, ubwiyunge no kuzahurwa byahawe umuntu. Umworera wazanywe n'icyaha wasibwe n'umusaraba w'i Kaluvari. Incungu yuzuye kandi ihagije yishyuwe na Yesu, iki ni cyo gishingirwaho ngo umunyabyaha ababarirwe kandi ubutabera bw'amategeko bugashimangirwa. Uwo ari we wese wiringira ko Kristo ari igitambo gikuraho ibyaha, ashobora kuza akakira imbabazi z'ibyaha bye; kuko kubw'ibyo Kristo akwiye, inzira ihuza Imana n'umuntu yaruguruwe. Imana ishobora kunyakira nk'umwana wayo, kandi nshobora kumwishingikirizaho mu gusaba kwanjye no kwishimira muri we nka Data unkunda" —*Ellen G. White, Faith and Works, p. 93.*

## Kuwukura mu bukristo ni nko kuzima kw'izuba

"Kuvana umusaraba mu Bukristo byaba gukura izuba mu kirere." - *Ellen G. White, Ibyakozwe n'Intumwa (2018), p. 124.*



## Ni wo ukwiye kuba ipfundo ry'ikibwiriza

"Reka kumenya iby'agakiza abe ari byo biba ipfundo rya buri kibwiriza na buri ndirimbo. Reka abe ari byo biza mu kwinginga kose. Ntukagire ikindi kintu uzana mu kibwiriza ngo cyuzuze Kristo, we bwenge n'imbaraga y'Imana " —*Ellen G. White, Gospel Workers, p. 160.*

## Ni wo pfundo ry'umurimo

"Niba Mwuka Wera aba muri twe, umurimo wacu uzaba igihamya ko tugomba kwerereza Kristo. Noneho ntawuzabasha kwihanganira guceceka; umutwaro dufite ni uwo gushyikiriza Yesu isi. "—*Ellen G. White, Review and Herald Extra, 23/12/1890.*

## Ni wo ukwiye kuba intumbero y'amashuri yose

"Umusaraba wa Kristo, ese ni bangahe bazi icyo ari cyo? Ni bangahe bawugarukaho mu byo biga, bakamenya ubusobanuro nyabwo bwawo? Iyi si yacu ntiyabamo Umukristo hatariho umusaraba wa Kristo. Nuko rero reka ushyirwe imbere mu mashuri nk'urufatiro rw'uburezi nyakuri." -*Ellen G. White, Youth's Instructor, July 7, 1898.*

## Ni wo Umutima w'ibigo byose

"Umusaraba ni wo mutima w'ibigo byose by'itorero. Ibi bigo bikwiye kuba munsi y'ububasha bwa Mwuka w'Imana; nta kigo na kimwe gikwiye kuba gishingiye ku muntu umwe ukiyobora. Muri buri mwanya, Imana ihafite umuntu." -*Ellen G. White, Counsels on Health, p. 524.*

## Inkingi y'ukuri kose

"Kumenya ukuri ni yo mbaraga ikomeye y'Imana ihesha agakiza uwizeye wese. Igitambo gikuraho ibyaha, gukiranuka kwa Kristo, kuri twe ni ishingiro rikomeye ry'ukuri kose. Ku musaraba w'i Kaluvari, ni uhuriro ry'ubuntu n'ukuri, gukiranuka n'amahoro birahoberana.

Amategeko n'ubutumwa bwiza bivuga rumwe, bisobekeranye nk'ubudodo bugize umwenda. Bimurika umucyo mu mwijima mu byerekeye imico mbonera mu isi, ukangura, ukarema bushya, ukeza uwizera wese ukuri, uwo ari we wese uzakirana umunezero no gushima umucyo umurika uva ku ntebe y'Imana." —Ellen G. White, *Review and Herald, 29/09/1891.*

### Ukuri gukwiye guhora imbere yacu

"Hari ukuri kumwe gukomeye gukwiye kuba imbere y'ushakisha mu Byanditswe- Uko kuri ni Kristo wababambwe. Ukundi kuri kose kurimo rukuruzi n'imbaraga mu njyana yerekeza kuri iyi ngingo. Mu mucyo w'umusaraba ni ho tubasha kuvumbura imico y'amategeko y'Imana. Umutima waremajwe n'icyaha ushobora guhemburwa gusa binyuze mu murimo w'umusaraba ukozwe n'Ukomokwaho n'agakiza kacu. Urukundo rwa Kristo ruhatira umuntu gushyira hamwe na We mu murimo We no mu kwitanga Kwe. Guhishurwa k'urukundo rwo mu ijuru gukangura buri wese kumva ko hari inshingano yo kumurikira isi yirengagije, bigakangura muri we umwuka wo kujyanira abandi ubutumwa bwiza. Uku kuri kumurikira umutima kukeza ubugingo. Kuzirukana kutizera kuzamure kwizera. Ni ko kuri kumwe gukomeye kugomba guhozwa imbere y'imitima y'abantu. Mbega uburyo urukundo rw'Imana rwumvikana gake cyane; kandi mu kwigisha Ijambo ntirushimangirwe uko bikwiye!

"Igihe umurimo wa Kristo wo gucungura ugaragaye nk'ipfundo rikomeye ukundi kuri kubakiyeho, umucyo mushya umurika ku byabaye mu gihe cyashize n'ibizaba mu gihe kizaza. Bigaragagara mu buryo bushya, bifite ubusobanuro bushya kandi bwimbitse." —*The Ellen G. White 1888 Materials, vol. 2, pp. 806, 807.*

### Kristo ni We Butumwa Bwiza

"Kristo umanitswe ku musaraba ni We wari Ubutumwa Bwiza. Noneho dufite ubutumwa, 'Dore Ntama w'Imana



ukuraho ibyaha by'abari mu isi.' Mbese abagize itorero ryacu ntibazahanga amaso yabo ku Mukiza wababambwe akazuka, uwo ibyiringiro byabo by'ubugingo bw'iteka byubakiyeho? Ubu ni bwo butumwa bwacu, ingingo zigize ibyo dushimangira, inyigisho zacu, umuburo wacu ku banga kwihana, ni bwo twifashisha dutera akanyabugabo abababaye, ibyiringiro ku mwizera wese." —*Ellen G. White, SDA Bible Commentary, vol. 6, p. 1113.*

### Kristo wababambwe

"Kristo wababambwe— abe ari we uvugwa, abe isengesho, abe ari we ndirimbo, azamenagura kandi yigarurire imitima. Izi ni zo mbaraga n'ubwenge bw'Imana buhuriza imitima kuri Kristo." -*Ellen G. White, Testimonies, vol. 6, p. 67.*

### Kwishingikiriza ku musaraba

"Satani naza gushyira urusika rw'umwijima hagati yawe n'Imana, akurega icyaha, akagushukashuka ngo utiringira Imana kandi ngo ushidikanye imbabazi zayo, uvuge uti: 'Sinshobora kwemerera intege nke zanjye kujya hagati yanjye n'Imana; kuko ni yo mbaraga zanjye. Ibyaha byanjye byinshi byashyizwe kuri Yesu, Umucunguzi wanjye n'igitambo cyanjye. Nta cyo nzanye mu biganza byanjye. Nishingikirije ku musaraba wawe gusa'" —*Ellen G. White, Ubutumwa Bwatoranyijwe, umuzingo wa 1 (2016), p. 383.*

### Kwita ku gitambo cya Kristo

"Byatubera byiza buri munsi tugiye tumara isaha dutekereza kandi twiga imibereho ya Kristo. Tugomba kureba ingingo ku ngingo, kugira ngo ibitekerezo byacu bibashe gusobanukirwa buri mugabane w'imibereho ye, cyane cyane imibereho ye iheruka ya hano ku isi. Uko twibanda ku gitambo cye gikomeye yatanze ku bwacu, kumwiringira kwacu kuzarushaho gukomera, urukundo rwacu ruziyongera, kandi tuzarushaho kuzurwa n'Umwuka We. Niba amaherezo tugomba gukizwa, tugomba kwigira icyigisho cyo kwihana

no kwicisha bugufi munsi y'umusaraba." —*Ellen G. White, Uwifuzwa Ibihe Byose (2018), p. 57.*

**2.3 Ikimenyetso cy'inyamaswa**

Ubutumbwa bw'abamarayika batatu bugaragaza ko urugamba ruheruka ruzibanda ku kuramya no gukomeza amategeko y'Imana.

*Mu byahishuwe 14:7*: Avuga ijwi rirenga ati "Nimwubahe Imana muyihimbaze, kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye, muramye Iyaremye ijuru n'isi n'inyanja n'amasōko."

Ku murongo wa 9: Marayika wundi wa gatatu akurikiraho avuga ijwi rirenga ati "Umuntu naramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo, agashyirwaho ikimenyetso cyayo mu ruhanga rwe cyangwa ku kiganza,..."

Ku murongo wa 12 harakomeza hati: Aho ni ho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera nk'ukwa Yesu.

Mu gice cya 12, umurongo wa 17 ho herekana ko Ikiyoka cyibasiye abakomeza amategeko: "Ikiyoka kirakarira wa mugore, kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye, bitondera amategeko y'Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu".

*Mu Byigisho by'ishuri ryo ku Isabato biyobora abakuze kwiga Bibiliya byo mu gihembwe cya 1/2019, ku rupapuro 93 (icyigisho cya 9 ingingo yo ku wa gatanu)* tuhabona aya magambo:

"Abantu b'ingeri zose bazahatirwa gushyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa mu kiganza cyabo cy'iburyo cyangwa mu ruhanga. Kwakira icyo kimenyetso bivuze ko ari ukujya mu ruhande rw'inyamaswa. Nk'uko ikimenyeteso cy'Imana kimenyekanisha abari mu ruhande rw'Imana (*Ibyah. 7:3,4 14:1*), ni ko n'ikimenyetso cy'inyamaswa kimenyekanisha abaramya iyo nyamaswa".



Ikimenyetso cy'inyamaswa si ikintu kigaragara cy'uburyo ubwo ari bwo bwose. Kuba gishyirwa mu kiganza cy'iburyo no mu ruhanga byasobanurwa hashingiwe ku mabwiriza Mose yahaye Abisirayeli yo guhambira amategeko y'Imana nk'ikimenyetso ku maboko yabo no mu ruhanga rwabo (Guteg. 6:8), bihwanye no kugira amategeko y'Imana mu bwenge bwabo no mu kiganza cyabo bivuze mu migirire yabo, mu byo abantu bakora.

Ikiganza cy'iburyo cyerekeza ku myitwarire, naho mu ruhanga hakerekeza ku mutima ni ukuvuga kwemera mu bitekerezo. Bamwe bazakira ikimenyetso cy'inyamaswa kubwo gutinya kwicwa, mu gihe abandi bo baziyemeza mu buryo bw'imitekerereze n'ubw'umwuka gahunda y'ubuyobe mu kuramya.

Ikimenyetso cy'inyamaswa kizashyirwa ku bazemera kuramya inyamaswa mu cyimbo cyo kuramya Imana. Kimwe mu bizabigaragaza ni ukwemera ko amategeko y'abantu asimbura amategeko y'Imana na nyuma yo kubibonaho umucyo uhagije. Rumwe mu ngero zikomeye zigaragaza aho isi yerekera mu gusohoza ubu buhanuzi akaba ari uburyo umuntu yahimbye kandi agashyiraho Icyumweru (*Dan. 7:25*) nk'umunsi wo kuramya, mu cyimbo cy'Isabato yo ku munsi wa karindwi yashyizweho n'Imana nk'uko biri mu Byanditswe.

Kugerageza guhindura ikimenyetso kigaragaza ububasha bw'Imana hagafatwa undi munsi, ni ukugerageza kwiha ububasha bw'Imana n'imbaraga z'Imana ubwayo. "Ikimenyetso cy'inyamaswa ni isabato yashyizweho n'ubupapa, kandi ikaba yaremewe n'isi yose mu cyimbo cy'umunsi washyizweho n'Imana... igihe iteka rizacibwa maze rigahatira abantu kuruhuka isabato mpimbano, kandi n'ijwi rirenga rya marayika wa gatatu rikavuga riburira abantu kwirinda kuramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo, ni bwo umurongo uzacibwa mu buryo bugaragara neza hagati y'abaramya by'ukuri n'abaramya by'ikinyoma. Ubwo ni bwo

abazakomeza kugomera Imana bazashyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa." —*Ellen G. White, Ivugabutumwa, p. 183.*

Amagambo yanditswe n'Itorero Gatolika ry'i Roma agira ati: "Icyumweru ni ikimenyetso cy'ububasha bwacu.... Itorero riri hejuru ya Bibiliya, kandi uku kwimura umunsi wo kubahiriza isabato ni igihamya cyabyo." (*Amagambo yakuwe mu nyandiko z'Itorero Gatulika ry'i Roma yitwa Catholic Record of London, Ontario, 1 September 1923, yandikwa na Jonathan Dunel, The End Times in Bibilical Prophecies, the Apocalypse, p. 332).*

Ibyo kandi ntibibusanye na gato n'ibyo Umwuka w'Ubuhanuzi yavuze ku kibazo cy'ikimenyetso cy'inyamaswa: "Ikimenyetso cy'inyamaswa ni iki? Yohana yahamagariwe kwitegereza abantu batandukanye n'abasenga inyamaswa n'igishushanyo cyayo bakomeza umunsi wa mbere w'icyumweru. Kuziririza uyu munsi ni ikimenyetso cy'inyamaswa" - *Ellen G.White, Ibaruwa ya 31, 1898; Ellen G.White, Ubusobanuro bwa Bibiliya, Umuzingo wa 7, p. 979 igika cya 11.*

"Ikibazo kiri imbere yacu ubu ni iki- Ikibazo cy'Isabato kizaba izingiro ry'indunduro y'intambara ikomeye, intambara izahurirwaho n'abo mu isi yose. Abantu bubashye ihame rya Satani barirutisha ihame rigenga imiyoborere y'ijuru. Bemeye isabato mpimbano, yimakajwe na Satani nk'ikimenyetso cy'ububasha bwe. Ariko Imana ifite ikiranga ibisabwa mu bwami bwayo. Buri sabato, iy'ukuri n'iy'impimbano, zifite ikirango cy'uwazihanze, ikimenyetso kidasibangana kiranga ububasha bwa buri umwe." —*Ellen G. White, SDA Bible Commentary Vol. 7 chap 13.*

## 2.4 Igishushanyo cy'inyamaswa

Igice cya 25 kivuga ukudakuka kw`amategeko y`Imana mu gitabo *Intambara Ikomeye* kigaruka cyane ku by'igishushanyo cy'inyamaswa n'uburyo kizaremwa. Bimwe mu bika twagarukaho muri iyi nyandiko ni ibi:



Amahembe nk'ay'umwana w'intama n'ijwi ry'ikiyoka bikoreshwa mu bigereranyo, byerekana ukuvuguruzanya gukomeye kuri hagati y'ibivugwa n'iryo shyanga ndetse n'imikorere yaryo. Ukuvuga kw'igihugu gusobanuye igikorwa n'ububasha bw'amategeko yacyo ndetse n'imyanzuro y'ubucamanza bwacyo. Kubw'uko kuvuga rero, icyo gihugu kizavuguruza ayo mahame yo kwishyira ukizana n'amahoro cyari cyaragaragaje ko ari yo rufatiro rw'imitegekere yacyo. Ibyo ubuhanuzi buvuga ngo "izavuga nk'ikiyoka", kandi "igategekesha ububasha bwose bwa ya nyamaswa ya mbere", bigaragaza ukwiyongera k'umwuka wo kutihanganirana ndetse no gutoteza waragaragajwe n'ubutegetsi byagereranyijwe n'ikiyoka n'inyamaswa isa n'ingwe. Kandi amagambo avuga ngo "inyamaswa y'amahembe abiri ihatira isi n'abayirimo ngo baramye ya nyamaswa ya mbere" yerekana ko ububasha bw'icyo gihugu bugomba gukoreshwa mu guhatira abantu kugira bimwe bubahiriza kandi ibyo bizaba igikorwa cyo guhesha ubupapa icyubahiro.

Icyo gikorwa kigomba kuba gihabanye rwose n'amahame y'iki gihugu, gihabanye n'umudendezo, Itangazwa ry'Ubwigenge ndetse n'Itegeko Nshinga. Mu buryo bwuzuye ubwenge, abashinze iki gihugu bashakaga kwirinda gukoresha ubutegetsi bw'iby'isi ku ruhande rw'itorero, ndetse banirinda ingaruka zabyo zitabura kubaho ari zo kutihanganirana n'itoteza. Itegeko Nshinga rivuga ko "Inama Nkuru y'Igihugu itazigera ishyiraho itegeko ryerekeye ishingwa ry'idini cyangwa ribuzanya umudendezo wo kuyoboka idini." Rivuga kandi ko "nta genzura mu by'idini rizigera risabwa ngo ribe icyangombwa gisabwa kigomba kuzuzwa ngo umuntu ahabwe umwanya mu butegetsi muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika". Ubutegetsi bwa Leta bushobora guhatira abantu kubahiriza iby'idini ibyo ari byo byose, igihe gusa habayeho kurenga kuri ayo mabwiriza arengera umudendezo w'igihugu. Ariko uguhuzagurika mu gikorwa nk'icyo biri nk'uko bigaragazwa mu gishushanyo cyakoreshejwe. Inyamaswa ifite amahembe nk'ay'umwana

w'intama (yigamba ubutungane, kugwa neza no kuba inyamahoro) ni yo ivuga nk'ikiyoka.

"Ibabwira kurema igishushanyo cya ya nyamaswa". Aha hagaragazwa neza ubutegetsi aho abaturage bafite ububasha mu gushyiraho amategeko, ibyo bikaba ari igihamya kidashidikanywaho cy'uko Leta Zunze Ubumwe za Amerika ari cyo gihugu cyavuzwe mu buhanuzi.

Ariko se "igishushanyo cy'inyamaswa" ni iki? kandi kiremwa gite? Iyo shusho n'inyamaswa iremwa na ya nyamaswa y'amahembe abiri, kandi ikaba isa na yo. Na none kandi yitwa igishushanyo cyayo. Bityo rero kugira ngo tumenye uko icyo gishushanyo kimeze ndetse n'uko cyakozwe, tugomba kubanza kwiga ibiranga inyamaswa ubwayo.

Igihe itorero rya mbere ryatakazaga ubutungane bwaryo kubwo gutandukira rikareka ukwiyoroshya kwigishwa n'ubutumwa bwiza ndetse no kwemera imigenzo n'imihango ya gipagani, ryatakaje Mwuka Muziranenge n'imbaraga y'Imana; maze kugira ngo ribashe kugenzura intekerezo z'abantu, ryashatse gushyigikirwa n'ubutegetsi bwa Leta. Ingaruka yabaye kubaho k'ubupapa, ari ryo torero ryagenzuraga ubutegetsi bw'igihugu kandi rikabukoresha mu gushaka kugera ku migambi yaryo ariko by'umwihariko mu guhana abahakanaga ububasha n'amategeko byaryo. Kugira ngo Leta Zunze Ubumwe za Amerika zireme igishushanyo cy'inyamaswa, ubutegetsi mu by'idini bugomba kugenga ubwa Leta kugira ngo ubwo butegetsi bwa Leta nabwo buzakoreshwe n'itorero mu gusohoza imigambi yaryo.

Ubuhakanyi ni bwo bwateye itorero rya mbere gushaka kwitabaza ubutegetsi bwa Leta, ritegura rityo inzira yo guteza imbere ubupapa- ari bwo nyamaswa. Intumwa Pawulo yaravuze ati: "Aho" hazaba igihe cyo kwimura Imana, kandi urya munyabugome azahishurwa." Uko ni ko



mu itorero ubuhakanyi buzategurira inzira igishushanyo cy'inyamaswa.

Amagambo akurikira yo muri iki gice, avuga yahuranije ku gishushanyo cy'inyamaswa:

"Igihe amatorero akomeye yo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika azahuriza hamwe ku ngingo z'amahame amwe ahuriyeho, azatera Leta no gushimangira amategeko yayo ndetse no gushyigikira ibigo by'ayo matorero, icyo gihe ni bwo Amerika irangwa n'Ubuporotesitanti izaba iremye igishushanyo cy'inyamaswa, bityo ingaruka izavamo nta kabuza ni ibihano Leta izahanisha abatazemera inyigisho zayo.

"Ya nyamaswa y'amahembe abiri "itera [itegeka] bose, aboroheje n'abakomeye, n'abatunzi n'abakene, n'ab'umudendezo n'ab'imbata, gushyirwaho ikimenyetso ku kiganza cy'iburyo cyangwa mu ruhanga: kugira ngo hatagira umuntu wemererwa kugura cyangwa gutunda, keretse afite icyo kimenyetso, cyangwa izina rya ya nyamaswa, cyangwa umubare w'izina ryayo." Ubutumwa bw'imbuzi bwa marayika wa gatatu ni ubu ngo: "Umuntu naramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo, agashyirwaho ikimenyetso cyayo mu ruhanga rwe cyangwa ku kiganza, uwo ni we uzanywa ku nzoga, ni yo mujinya w'Imana." "Inyamaswa" ivugwa muri ubu butumwa kandi abantu bakayiramya babihatiwe n'inyamaswa ifite amahembe abiri, ni iya mbere cyangwa inyamaswa isa n'ingwe yo mu Byahishuwe 13, ari yo: "ubupapa." Igishushanyo cy'iyo nyamaswa cyerekana bwa Buporotesitanti bwahakanye, buzagira imbaraga igihe amatorero y'Abaporotesitanti azitabaza ubutegetsi bwa Leta kugira ngo buyafashe gushimangira inyigisho zayo." -Ellen G. White, *Intambara Ikomeye, igice cya 25, p. 319 – 320.*

Kumva neza uko igishushanyo cy'inyamaswa kizaremwa, ubwo amadini yo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika azatera Leta kuyafasha gushyigikira inyigisho zayo no

guhana abatazemera, Leta Zunze Ubumwe za Amerika irangwa n'Ubuporotesitanti izaba iremye igishushanyo cy`inyamaswa. Guhatirwa kwemera inyigisho z'aya madini bikozwe na Leta bizasohoza ubuhanuzi bwo mu Byahishuwe bivuga ko inyamaswa yavuye mu butaka izahatira bose kuramya inyamaswa ya mbere yakomeretse uruguma rwica n'igishushanyo cyayo. Nk'uko hejuru byagarutsweho ku byerekeye ikimenyetso cy`inyamaswa, uku kwemera inyigisho ku bwo kuzizera cyangwa kubwo gutinya ni byo bizasohoza ubuhanuzi bwo gushyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa mu ruhanga, cyangwa ku kiganza.

**2.5 Umubare 666**

Mu gitabo cya *Jonatan Dunkel* cyavuzwe haruguru, ku rupapuro rwa 335, herekana ko mu mu ndimi za kera, inyuguti zabaga zifite umubare uzihagarariye. Urugero mu Kiromani inyuguti X ivuga umubare 10. Ibi bikaba bitabuza kwemeza ko umubare 666 ufite izina uhagarariye nk'uko 888 uhagarariye izina Yesu mu Kigiriki.

Ku rupapuro rwa 336 na 337 hari aya magambo:
Ibimenyetso mu Byahishuwe bifite inkomoko muri Bibiliya; reka noneho turebe ubusobanuro bw'umubare gatandatu. Uyu ni umubare ubanziriza 7 ariko bikaba bitandukanye ku cyo isobanuye. Karindwi ni umubare ugaragaza gushyika n'uburuhukiro bw'Imana, bityo umunsi wa karindwi w'icyumweru ni umunsi wo kuramya no kuruhuka (*Itang. 2:1–2, Kuva 20:11*). Gatandatu ni umubare w'umuntu *(Ibyah. 13:18)*.

Uburyo bwo kubara bwakomotse i Babuloni bwari bwubakiye ku mubare 6 ariho tubona degere 360 zigize uruziga, iminota 60 igize isaha n'amasegonda 60 agize umunota. Igishushanyo cy'izahabu Nebukadineza yakoze cyari gifite mikono 60 kujya hejuru na mikono 6 mu bugari. Mu *Byahishuwe 13:1–5* hagaruka ku kuramya inyamaswa



n'igishushanyo cyayo inshuro 6. Babuloni ivugwa inshuro 6 mu Byahishuwe kandi umubare 666 ugaragara mu mutungo Salomoni yakuye mu gushaka abagore mu bakobwa ba Farawo no mu buyobe.

Izina ry'inyamaswa ryo gutuka Imana, rifite umubare 666 (*Ibyah.13:18;17:3*) ryerekana kwiyitirira ibiranga Imana. Ubutatu bw'ubwiganano buzashyiraho gahunda rusange mu bantu bose yubakiye ku iyobokamana na politiki, ari cyo cyiswe Babuloni ikomeye, bikaba byagereranywa n'umwanzuro wafashwe n'abubatsi b'umunara w'i Babeli. Mu magambo yabo, ijambo twe, twebwe, rigarukamo inshuro 6 (*Itang. 11:3–4*), nk'uko na Lusiferi yigarutseho inshuro 6 avuga icyifuzo cye cyo kwigarurira umwanya w'Imana (*Yesaya 14:13–14*).

Umubare karindwi n'umubare gatandatu, ni ukuvuga ikimenyetso cy'Imana n'ikimenyetso cy'inyamaswa, bihagarariye imisengere/imyizerere ihabanye. Kimwe kitwibutsa Abeli, wishingikirizaga ku gakiza k'Imana kandi akumvira Ijambo ryayo. Ikindi kikagira imizi muri Kayini wiringiraga imirimo ye no kutita ku mategeko y'Imana. Itsinda rya mbere bayoboka Imana Data, Umwana n'Umwuka Wera, mu gihe irya kabiri ryo riyoboka ubutatu bw'ubwiganano bugizwe n'ikiyoka, inyamaswa yaturutse mu nyanja n'umuhanuzi w'ibinyoma.

Ikimenyetso cy'inyamaswa bisobanuye kwemera ububasha bw'inyamaswa mu cyimbo cyo kwemera ubw'Imana. Ibi bishobora gukorwa ufata izina ryayo cyangwa umubare w'izina ryayo (*Ibyah. 13:17*). Mu gihe cya Bibiliya, izina ryasobanuraga imico. Kwakira izina ry'inyamaswa mu ruhanga bishushanya kuyoboka ubizi inyigisho zayo. Kwakira umubare wayo ni ubundi buryo bwo kwakira ikimenyetso ku kiganza. Abantu bazashyirwaho ikimenyetso ku kiganza cy'iburyo cyangwa mu ruhanga, kugira ngo batemererwa kugura cyangwa kugurisha,

keretse bafite ikimenyetso, ari cyo zina ry'inyamaswa, cyangwa umubare w'izina ryayo (*Ibyah. 13:16-17*).

Kuyoboka inyigisho zigishwa n'inyamaswa ku bwo gutinya gutotezwa ni ko kwakira ikimenyetso ku kiganza. Mu gihe kuziyoboka kubwo kubihitamo no kubyemera mu bwenge bw'umuntu atabikoreshejwe n'ubwoba ari byo bisobanura kwakira ikimenyetso mu ruhanga.

Mu gusobanura Ibyahishuwe 13:17, *Ranko Stefanovic*, mu gitabo *Revelation of Jesus Christ*, Andrews University Press, 2002, p. 416, yifashishije ingeri ya Bibiliya yitwa Alexandrinus, yerekanye ko nubwo izindi ngeri nyinshi zongeramo akajambo "cyangwa", iyi yo ivuga iti: "Ikimenyetso ni ukuvuga izina ry'inyamaswa, cyangwa umubare w'izina ryayo".

Bigaragara ko igitabo cy'Ibyahishuwe gihuza cyane kuramya inyamaswa, igishushanyo cyayo no gushyirwaho ikimenyetso cyayo (*Ibyah 14:9*). Kimwe mu bikorwa bizagaragaza kuramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo nk'uko byanditswe na Ellen G. White ni ukuruhuka isabato mpimbano umuntu abyihitiyemo mu gihe itegeko ryo kuyiruhuka kuri buri wese rizaba ryashyizweho. Izina ry'inyamaswa cyangwa umubare w'izina ryayo bizakoreshwa nk'ikimenyetso cy'abaramya inyamaswa kizashyirwa ku ruhanga cyangwa mu kiganza.

## 2.6 Bimwe mu byo Itorero rizahura na byo kugeza Yesu agarutse

Uyu mugabane ugaruka kuri bimwe mu bintu bigari bizabaho mu minsi ibanziriza Kugaruka kwa Yesu. Ntabwo igice kivuga mu buryo burambuye buri cyose cyangwa ngo byandikwe hakurikijwe uko bizakurikirana. Umugambi ni ukwibutsa bimwe muri byo, kugararaza impamvu yavuzwe bizabaho n'uko abantu bakwiye kubyifatamo.



Aya magabo akurikira atwibutsa ko turi kwegereza imperuka y'ibihe kandi ko dukwiye guhora twiteguye:

"Uhereye ku kuba imirongo hafi ya yose y'ubuhanuzi yaramaze gusohora, ndetse ukareba n'uko isi ibayeho uyu munsi, wabona ko Kugaruka kwa Kristo kuri bugufi. Igihe azazira ntabwo cyaduhishuriwe, ni yo mpamvu tugirwa inama yo guhora twiteguye ibihe byose (https://www.adventist.org/beliefs/)

Iminsi y'imperuka ni igihe kibarwa kuva mu iherezo ry'imyaka 2300 yo muri Daniyeli 8:14 kugeza ku Kugaruka kwa Yesu. Bibiliya ivuga ibizabaho muri icyo gihe. Dusomye mu *Byigisho biyobora abakuze kwiga Bibiliya byo mu gihembwe cya 1/2019, p. 75*, hatubwira ko: "mbere ho gato y'iherezo ry'isi, isi izibonera ko hariho kubwiriza hose gushingiye kuri Bibiliya bitigeze bibaho mu mateka y'isi. Uko kuvuga ubutumwa buheruka bizagira ingaruka ziryohereye kandi zishariye, kuko bizateza amakimbirane atijwe umurindi n'ibikorwa by'abadayimoni bakora ibitangaza kugira ngo bemeze isi kujya mu rugamba ruheruka rwo kurwanya abahamya Imana bashikamye (Ibyahishuwe 16:13-16)".

### Imvura y'itumba n'ubutumwa bw'abamarayika batatu

Imvura y'itumba igereranya isukwa rya Mwuka Wera mu bihe by'imperuka, uzatangwa ku rugero rusendereye, ahabwa Itorero ry'Imana kugira ngo ribwirize ubutumwa bwiza abatuye isi, kandi ribategurire Kugaruka kwa Yesu. Nk'uko ibwirizabutumwa ryatangijwe no kwigaragaza kudasanzwe kwa Mwuka Wera kuri Pentekote, Itorero rizahabwa imbaraga yo gusoza umurimo.

Ellen G. White yabivuze mu magambo akurikira:

"Mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa, hagaragaza mu buryo bweruye ko Umukristo wo muri iki gihe agomba

gusukirwa Mwuka Wera mu mbaraga imwe n'uwasutswe kuri Pentekoti akenyegeza umuriro wo kwamamaza ubutumwa. Ibikorwa bya Mwuka Wera yakoresheje Petero na Pawulo, Yohana na Yakobo, kimwe n'abandi, bishobora kongera gukorwa mu bigishwa b'uyu munsi. 'Umurimo wo kuvuga ubutumwa bwiza ntabwo uzarangirana n'ukwigaragaza guke kw'imbaraga ya Mwuka Muziranenge kurusha iyaranze itangira ryawo'." —*Ellen G. White, Ibyakozwe n'intumwa (2018), p. 8.*

Mu gitabo *From Trials to Triumph*, naho yanditsemo amagambo akurikira: "Mu bihe bizaza, hazagaragara gusukwa kw'imbaraga mu bya mwuka irenze iyo kuri Pentekoti. Umurimo w'ubutumwa bwiza ntabwo uzasoza mu mbaraga ziri munsi y'izawuranze mu itangira ryawo" —*Ellen G. White, From Trials to Triumph p. 5.*

Muri Luka 11:13 hatwibutsa itegeko n'isezerano Yesu yaduhaye mu gusohoza umugambi wavuzwe haruguru: "None se ko muzi guha abana banyu ibyiza kandi muri babi, So wo mu ijuru ntazarushaho guha Mwuka Wera abamumusabye?" Ikintu cyihutirwa ni ugusaba Imana ngo isohoze iri sezerano kuko mu mbaraga ya Mwuka Wera ni bwo ubutumwa bw'Abamarayika batatu buzasohoza inshingano yabwo. Iyi mbaraga izabashisha itorero kubwiriza ubutumwa bwiza buvugwa mu Byahishuwe 14: 7, bwatanzwe nk'ubutumwa bw'abamalayika batatu.

Umwuka w'Ubuhanuzi abivuga muri aya magambo: "Uko ibinyejana byasimburanye, ubutumwa bwiza bwakomeje kubwirizwa inyokomuntu, bikozwe n'abahamya b'indahemuka mu mpande zitandukanye z'isi. Kuva mu ntangiriro yaryo yoroheje ahagana 1840, Itorero ry'Abadiventisiti ryakomeje umuhamagaro waryo wa gihanuzi, wo kubwiriza ubutubwa bwiza bw'iteka ryose bw'abamarayika batatu buboneka mu Byahishuwe 14, ribubwiriza isi; ikaba ari inshingano ikomeye kandi y'umwihariko mu ruhando rw'abakristo. Ukuri kw'iki



gihe, ubutumwa bw'abamarayika wa gatatu, bukwiye kubwirizwa mu ijwi riranguruye, bigakorwa mu mbaraga igenda yiyongera, uko twegereza ibigeragezo bikomeye biheruka." —*Ellen G. White, Manuscript Releases, vol. 9, p. 746.*

Ubutumwa bwa Marayika wa gatatu buhishura ukuri gukomeye gukiza ko muri iki gihe. Ukuri kwe kurushaho kugenda gusobanuka, kandi ni umugambi w'Imana ko baba abana bato n'urubyiruko basobanukirwa mu buryo bw'ubwenge icyo Imana isaba, ko bakwiye gutandukanya gukiranuka n'icyaha, kumvira no kutumvira. —*Ellen G. White, Manuscript 67 (1909), p. 3 ("A High Standard," October 7, 1909).*

Ubu butumwa ni bwo buteguriza abantu kubaha Imana no kuyihimbaza by'umwihariko mu minsi iheruka ubwo kuramya Imana bizagibwaho impaka.

**Itegeko ry'icyumweru**

Amagambo akurikira yakuwe mu nyandiko z'Umwuka w'Ubuhanuzi yerekana uko itegeko ryo kuruhuka icyumweru rizaza n'uko abaruhuka Isabato bakwiye kubyitwaramo, haba mbere yaryo no mu gihe rizaba rimaze kujyaho:

"Gushyira amategeko y'abantu mu cyimbo cy'amategeko y'Imana, gushyirwa hejuru kw'Icyumweru mu mwanya w'Isabato ya Bibiliya, bikozwe n'ububasha bwa muntu, ni cyo gikorwa kizaheruka urugamba. Igihe uku gusimbuza itegeko ry'Imana itegeko ry'abantu kuzaba kubaye rusange hose, Imana izigaragaza. Izahaguruka mu cyubahiro cyayo izunguze iyi si. Izava mu mwanya wayo izanwe no guhanira abatuye isi gukiranirwa kwabo, isi izacika ururondogoro/ kwayo." —*Ellen G. White, Testimonies for the Church 7:141.*

"Aba bantu bazavuga ko kwangirika kwihuse kw'isi gukomoka ahanini ku guhumanura icyiswe "Isabato ya gikristo", kandi ko kuziririza Icyumweru nibishyirwa mu bikorwa bizateza imbere cyane imyitwarire y'abantu. Ibi byamamazwa cyane muri Amerika, aho inyigisho y'Isabato y'ukuri yigishijwe mu buryo bwagutse. Aha umurimo wo kwitungira amagara, kimwe mu bugorozi bukomeye mu myitwarire y'abantu, ikunda guhuzwa n'inkundura yo kwimakaza Icyumweru, kandi abashyigikira ibyo bavuga ko baharanira ineza ihanitse y'abantu, kandi abanga gufatanya na bo bafatwa nk'abanzi bo kwirinda n'ubugorozi. Nyamara kuba itsinda riharanira ko ikinyoma gishinga imizi ribihuza n'umurimo mwiza ubwawo, ntabwo ari ikintu cyo guha akito ikosa. Dushobora guhisha uburozi tukabuvanga n'ibyo kurya byiza, nyamara ntabwo bureka kuba uburozi. Ibiri amambu, buba burushijeho kuba akaga, kuko bushobora kuribwa nta wigeze akeka ko burimo. Uyu ni umwe mu mitego ya Satani wo kuvanga ibinyoma mu kuri, kugira ngo agihe akito. Abamamaza Icyumweru bashobora kuvuga ko baharanira impinduka abantu bakeneye, amahame ahura na Bibiliya; uko byamera kose, iyo birimo ikinyuranije n'itegeko ry'Imana, abagaragu bayo ntibashobora kwihuza na bo. Nta kintu na kimwe cyaba ishingiro ryo gushyira iruhande amategeko y'Imana ngo bayasimbuze inyigisho z'abantu." —*Ellen G. White, Darkness Before Dawn, p. 40.*

Ibi bika byo hejuru bigaragaza uko itegeko ry'icyumweru rizaza. Mu bika bikurikiraho hibanda ku nama ku myitwarire ikwiye kuranga abaruhuka Isabato imbere y'aberereza icyumweru:

**Ubushishozi mu kugaragaza ikibazo cy'Icyumweru**— Ntitugomba gushotora abemera isabato y'impimbano, igihangano cy'Ubupapa bwasimbuje Isabato yera y'Imana. Kuba badafite ingingo yo muri Bibiliya ibashyigikira ibyo bibatera kurushaho kurakara no kwiyemeza gusiba icyuho cy'ibyo badafitiye gihamya mu Ijambo ry'Imana bakoresheje ububasha bwabo. Ubwo imbaraga yo kurenganya igakurikira intambwe z'ikiyoka. Ni yo mpamvu bisaba kwigengesera ngo hatabaho gutanga urwitwazo. —Ellen G. White, *Letter 55, 1886.*

**Mureke Ukuri abe ariko kugaragaza itandukaniro**— Imbaraga za Satani zirwanya abari mu kuri izarushaho kubibasira mu buryo buhambaye kugeza ku musozo w'igihe. Nk'uko byari mu gihe cya Kristo abatambyi bakuru n'abatware boheje abantu kumurwanya, ni ko no muri iki gihe abayobozi b'amadini bazahembera ugusharira no kuguhimba ibinyomba byibasira ukuri kw'iki gihe. Abantu bazashorwa mu bikorwa by'ubugome no kurwanya abavuga ukuri mu buryo batashoboraga gutekereza iyo batabishorwamo n'abavugako ari Abakristo.

None abavuga ukuri bakwiye kubyitwaramo bate? Bafite Ijambo ry'Imana ridahinduka kandi rihoraho, bagomba kugaragaza ko bafite ukuri nk'uko kuri muri Yesu. Amagambo yabo ntakwiye kuba atanoze kandi akebana. Mu kugaragaza ukuri bagomba kugaragaza urukundo, ubugwaneza no kwicisha bugufi kwa Kristo. Mureke ukuri abe ari ko kugaraza itandukaniro; Ijambo ry'Imana riratyaye, ni inkota ifite amugi impande zombi, kandi rizicira inzira mu mutima w'umuntu. Abazi ko bafite ukuri ntibagomba guha Satani icyanzu cyo gusobanya umugambi wabo, igihe bakoresha imvugo zisesereza kandi zikakaye. —*Ellen G. White, Review and Herald, 14/10/1902.*

Igihe cyacu cyo gukora ni gito, kandi Imana iraduhamagarira nk'abagabura n'abantu muri rusange, kuba abantu bita kuri buri munota. Kuba abigisha bagira amakenga nk'inzoka, batagira amahugu nk'inuma bagomba kuza gutabara Umwami, mu guhashya umunyabubasha. Hari benshi batumva ubuhanuzi bwerekeye iyi minsi, kandi bagomba kumurikirwa. - *Ellen G. White, Letter 1, 1875.*

**Ibyerekeye Abanyagatolika**—Bavandimwe, binkomeretsa umutima iyo mbonye hari abahutaza Abanyagatolika. Mubwirize ukuri, ariko mwirinde imvugo zirimo umwuka wo gusesereza; kuko ayo magambo ntawe ashobora gufasha cyangwa ngo amumurikire. *—Ellen G. White, Letter 20, 1896; Counsels to Writers and Editors, p. 9.*

**Akarengane**

**Ibyo kutihamagarira akarengane ku bwo gukoresha imvugo zidakwiye:**

Reka buri wese azirikane ko tudakwiye kwihamagarira akarengane. Ntidukwiye gukoresha amagambo akakaye akomeretsa abandi. Reka akurwe mu nyandiko yose igomba gutangazwa, reka akurwe mu mbwirwaruhame iyo ari yo yose itangwa. Reka Ijambo ry'Imana abe ari ryo rigaragaza inzira, abe ari ryo ritesha: reka abantu bapfa bitwikire kandi bihishe muri Kirisito. Reka Umwuka wa Kristo agaragare. Reka bose birinde mu mvugo zabo, hato badahagurukiriza abo tutizera kimwe kuturwanya, bityo bagaha Satani uburyo bwo gukoresha amagambo atarimo ubwenge mu kudufungira inzira.

Hazabaho ibihe by'umubabaro bitigeze bibaho kuva isi yabaho. Umurimo wacu ni ukwiga uburyo bwo gukura mu mvugo zacu ikintu cyose cyabyara kutwihimuraho, guhagurukira kuturwanya bigatanga urwaho rwo kwibasira itorero n'abantu ku giti cyabo, dore ko ubu atari bwo buryo bwa Kristo bwo gukora. *—Ellen G. White, Testimonies for the Church 9:239-244 (1909).*

**Ibyago birindwi no Kurangira kw'imbabazi**

Ibyahishuwe 15:8 hagira hati: "nta muntu n'umwe wabashaga kwinjira muri urwo rusengero". Hatunga agatoki ku kurangira kw'imbabazi. Ibyago 7 nibwo bizatangira gusukwa.



Mu gitabo, *Revelation of Things to Come,* tuhasanga amagambo akurikira avuga ku byago 7 by'imperuka:

"Ibi byago bizaba uko byavuzwe ntabwo biragwira isi, kuko byavuzwe ko ari ibyago biheruka. Ntibishobora kuza igihe isi itaramara kuburirwa, umurimo w'agakiza utaragera ku iherezo. Ibi byago bizazana kugwa kwa Babuloni." - *Revelation of Things to Come, p. 155.*

**Harimagedoni**

Mu gitabo *The End Times in Bibilical prophecies, the Apocalypse* hasobanura Harimagedoni mu magambo akurikira:

"Iyi ntabwo ari intambara y'ibihugu birwanira Palesitine nk'uko filimi n'ibitabo bishingiye ku bitekerezo bihimbano (fictional books and movies) zibivuga. Harimagedoni ni indunduro y'intambara mu by'umwuka hagati ya Kristo na Satani. Izaba igendereye ubwoko bw'Imana mu isi yose, ntabwo igendereye igihugu cya Isirayeli. Ntabwo izaba ari intambara isanzwe, kuko nta mutware wo mu isi wahangana n'Ishoborabyose" *-Jonathan Dunel, The End Times in Bibilical prophecies, the Apocalypse p. 412.*

Dusoma mu Byahishuwe 16:13-16 amagambo akurikira:

"Nuko mbona mu kanwa ka cya kiyoka no mu kanwa ka ya nyamaswa, no mu kanwa ka wa muhanuzi w'ibinyoma, havamwo imyuka itatu mibi isa n'ibikeri, kuko ari yo myuka y'abadayimoni, ikora ibitangaza igasanga abami bo mu isi yose, ngo ibahururize kujya mu ntambara yo ku munsi ukomeye w'Imana Ishoborabyose. (Dore nzaza nk'umujura. Hahirwa uba maso akarinda imyenda ye, kugira ngo atagenda yambaye ubusa bakareba isoni z'ubwambure bwe.). Ibateraniriza ahantu mu Ruheburayo hitwa Harimagedoni".

Ku rupapuro rwa 415 rw'icyo gitabo hakomeza muri aya magambo:

Mu bihe by'imperuka hazaba urugaga rushyize hamwe rutigeze rubaho mu mateka y'isi, ruhagurukire kurwanya ubwoko bw'Imana. Uru rugaga rw'abanyabubasha rushushanywa n'ikiyoka, inyamaswa yavuye mu Nyanja n'umuhanuzi w'ibinyoma, bazihuriza hamwe nk'uko abanzi babigenje mu gihe cya Gidiyoni na Yehoshafati (*Abacamanza7:22,2 Ibyo ku Ngoma 20:22-24*). Amaherezo yabo azaba amwe: Nzahamagaza inkota yo kumutera imusange mu misozi yanjye yose, ni ko Umwami Uwiteka avuga, umuntu wese yuhire mwene se inkota (*Ezekiyeli 38:21*). *—Jonathan Dunel, The End Times in Bibilical prophecies, the Apocalypse p.415*

**Kugaruka kwa Yesu**

Amagambo akurikira aboneka mu gitabo cy'Intambara ikomeye agaragaza uko bizamera Yesu agarutse:

"Igihe amategeko ya Leta zo ku isi azaba atakibasha kurinda abakomeza amategeko y'Imana, mu bice byose by'isi hazaba umuvurungano wo gushaka kurimbura ubwoko bw'Imana. Ubwo igihe cyagenwe n'itegeko-teka kizaba cyegereje, abaturage bazagambana rwihishwa ngo babatsembe hakiri kare. Hazaba hagambiriwe ko mu ijoro rimwe gusa, hazaba ubwicanyi buzaba butababarira n'umwe.

Bamwe mu bantu b'Imana bazaba bafungiwe muri kasho zicuje umwijima, abandi bazaba bihishe mu mashyamba no mu bihanamanga, bakomeje gutakambira Imana ngo ibarinde, mu gihe ku mpande zose z'isi, abantu bitwaje intwaro z'intambara, kandi bayobowe n'abamarayika ba Satani, bazaba barimo kwitegura kubamarira ku icumu. Icyo gihe ni bwo Imana ya Isirayeli izarogoya imigambi



yabo, ikarengera ubwoko bwayo yatoranyije. Uhoraho aravuga ati: "Icyo gihe muzaririmba nk'abari mu gitaramo cy'umunsi mukuru, muzanezerwa nk'abayobowe n'ijwi ry'umwirongi bagiye mu ngoro y'Uhoraho, muzanezerwa nk'abagana Imana urutare rwa Isiraheli. Uhoraho azumvikanisha ijwi rye riteye ubwoba, azerekana ko abangukira guhana arakaye, azabigaragariza mu mirabyo, azabigaragariza mu mvura y'umugaru n'amahindu.

Ababi bazavuza urwamo rw'intsinzi, bakwena kandi babakina ku mubyimba, icyo gihiriri cy'inkozi z'ibibi kizaba kiri hafi kubasimbukira ngo kibarimbure, maze umwijima w'icuraburindi uzaba ukomeye kuruta uwa mu gicuku uzatwikira isi yose. Noneho umukororombya urabagiranishwa n'ikuzo riturutse ku ntebe y'Imana uzakwira ikirere cyose cy'ijuru, umere nk'uzengurutse iyo nteko yose y'abizera batabaza Imana. Cya kivunge cy'abagizi ba nabi kizatungurwa gifatirwe aho ako kanya. Rwa rwamo ntiruzumvikana ukundi. Bazibagirwa umugambi w'ubwicanyi bari bafite. Kubera ubwoba, bazatumbira icyo kimenyetso cy'isezerano ry'Imana, bifuza gusa icyabarinda umucyo w'Imana ubahuma amaso.

Naho ku ruhande rw'abantu b'Imana, humvikane ijwi rituje kandi rinogeye amatwi rivuga riti: "Nimwubure imitwe yanyu", maze bubuye amaso yabo barebye mu ijuru, babona ikimenyetso cy'isezerano. Bya bicu bya rukokoma bicuze umwijima byari bitwikiriye ikirere bireyuka, kandi nk'uko byagendekeye Setefano, batumbiriye mu ijuru babona ikuzo ry'Imana n'iry'Umwana w'Umuntu bicaye ku ntebe ya cyami. Bitegereje ishusho ye y'Ubumana, babona ibimenyetso byo kwicisha bugufi kwe; maze bumva asaba Se imbere y'abamarayika bera ati: "Data, ni wowe wabampaye none ndashaka kuzabana nabo aho nzaba ndi, kugira ngo bitegereze ikuzo wampaye kuko wakunze isi itararemwa." Hongera kumvikana ijwi

ry'indirimbo yo kunesha rivuga riti: Baraje! baraje! Ni intungane, inziramakemwa n'abaziranenge. "Bakomeje ijambo ryo kwihangana kwanjye, bazajya bagendera hagati y'abamarayika;' 'maze ba bandi bari bafite mu maso hasuherewe kandi badidimanga, nyamara bakaba bakomeje kugundira kwizera kwabo, batera hejuru bavuza impundu zo kunesha". —*Ellen G. White, Intambara ikomeye, p. 444.*

## III. IBIMENYETSO BYO KUGARUKA KWA YESU N'AMAKURU Y'IBIBERA KU ISI

Iki gice kigaruka ku bizaranga iminsi y'imperuka no gusohora k'ubuhanuzi, ikibazo cyo kurwanya imihindagurikire y'ikirere n'icyorezo cya KORONAVIRUSI (COVID-19) mu buhanuzi, imyaka 6000 mu kirangaminsi cya gihanuzi, gutura ahitaruye imijyi gisoze kibutsa uko ibihe bya gihanuzi bikurikirana.

### 3.1 Ibimenyetso byo kugaruka kwa Yesu

Ni ibihe bimenyetso bizaranga iminsi y'imperuka?

Ubuhanuzi bwo muri Matayo 24 na 25), bugaragaza ibimenyetso bibanziriza kuza kwa Yesu. Ubuhanuzi bwo muri Daniyeli 7-12 n'Ibyahishuwe bugaragaza ibizaba mu isi no ku Itorero ry'Imana mu bihe bibanziriza kuza kwa Yesu.

By'umwihariko, ibimenyetso bibanziriza kugaruka kwa Yesu, byagarutsweho mu gitabo *cya Ellen G. White, Last-Day Events, igice cya 1*. Muri byo twavuga:

1) Ibimenyetso mu kirere
2) Ibimenyetso ku butaka
3) Abahanuzi b'ibinyoma
4) Ubusāmbo no kutirinda
5) Ibikorwa by'ubugizi bwa nabi
6) Intambara n'amakuba



7) Imibumbe minini y'umuriro
8) Imitingito n'imyuzure
9) Urugomo, inzara n'ibyorezo

Umugambi w'Imana mu guhishura ibimenyetso bizabanziriza kugaruka kwa Yesu ni ukugaragaza uburyo ikomeza kuba Umugenga wa byose ndetse n'uburyo ijuru rikomeza kwita ku bari ku isi.

Gusa mu gukurikirana gusohora kw'ibi bimenyetso, umwigishwa w'ubuhanuzi akwiye kwitonda ntabyitiranye n'ibyago birindwi by'imperuka *(Ibyahishuwe 15:1; 16:1–21)*, bizasukwa ku isi mu gihe cy'akaga, byibasire abanze Imana (*Ibyahishuwe 16:2–6)* igihe imbabazi zizaba zirangira, nk'uko bigaragazwa mu bitabo by'Umwuka w'Ubuhanuzi (*Ellen G. White, Inyandiko z'Ibanze p. 50*; *Intambara Ikomeye igice cya 39*; *Last-Day Events, igice cya 17*).

### 3.2 Imihindagurikire y'ikirere n'ubuhanuzi

Imihindagurikire y'ikirere irangwa no kwiyongera k'ubushyuhe, ibiza birimo imyuzure, amapfa n'ibindi, ni ibibazo bihangayikishije isi. Abahanga babibona nk'ingaruka z'ibikorwa bya muntu, bagasaba ko hafatwa ibyemezo birimo kugabanya imyuka ihumanya ikirere, kubungabunga amashyamba n'urusobe rw'ibinyabuzima. Bahamya ko hatagize igikorwa, ubuzima ku isi bwazagorana.

Kuri Papa yaba uriho n'abamubanjirije, na bo babona ikibazo cy'imihindagukire y'ikirere ari ikibazo gihangayikishije gikwiriye gushakirwa umuti. Mu muti atanga harimo inyigisho za Kiliziya nko kuruhuka icyumweru, ukarisitiya, igitambo cya misa n'andi masakaramentu. By'umwihariko uyu muti wa Papa ukaba warateje impungenge muri bamwe mu biga ubuhanuzi, bibaza ko ari amendeze yo gushyiraho itegeko ry'icyumweru no guhatira abatuye isi kuruhuka kuri uyu munsi no kwimakaza inyigisho za Kiliziya muri rusange,

bikazana akarengane mu isi. Imwe mu nyandiko zikomeye za Kiliziya Gatolika y'i Roma zivuga ku muti w'ihindagurika ry'ikirere, ni inyandiko *Laudato Si* yanditswe na Papa Francis mu mwaka wa 2015, mu gika cyayo cya 237, aho atanga umunsi wa mbere w'Icyumweru, Ukarisitiya no kwita ku bakene nk'umuti w'ihindagurikra ry'ikirere.

"Ku munsi wa mbere w'icyumweru, ukwitabira Ukaristiya kwacu bifite umumaro munini. Ku munsi wa mbere w'icyumweru, kimwe n'Isabato y'Abayuda, ikigamijwe ni uko uba umunsi wo kuzahura umubano wacu n'Imana, umubano wacu natwe ubwacu, umubano wacu n'abandi ndetse n'umubano wacu n'isi. Umunsi wa mbere w'icyumweru ni umunsi w'Izuka, 'umunsi wa mbere' w'ukuremwa gushya, imbuto zawo za mbere zikaba ubumuntu bwa Nyagasani wazutse, bikerekana ko guhinduka guheruka kw'ibyaremwe byose gushoboka. Umunsi utangaza kandi "ikiruhuko cy'iteka ry'umuntu mu Mana". Muri ubu buryo, iby'umwuka bya gikristo biba bikubiyemo indangagaciro yo kwidagadura no kwizihiza umunsi mukuru. Dukunze gusuzugura ikiruhuko no kugitekereza nk'ikintu kidatanga umusaruro kandi kidakenewe, ariko ibi ni ugukuraho ikintu cy'ingenzi cyane ku murimo: ibisobanuro byawo. Twahamagariwe gushyira mu bikorwa byacu urugero rwo kwakirana n'ubuntu, kandi ibyo bitandukanye cyane no kudakora byonyine. Ahubwo, ni ubundi buryo bwo gukora, bugize umugabane w'ibanze wo kubaho kwacu. Ikiruhuko kirinda ibikorwa bya muntu ntibibihinduke ibikorwa by'icyuka; kirinda kandi umururumba udacogora ndetse no kwihugiraho bituma dushaka inyungu zacu tubangamira ibindi byose. Itegeko ryo kuruhuka buri cyumweru ryabuzaga gukora ku munsi wa karindwi, "kugira ngo inka yawe n'indogobe yawe ziruhuke, umwana w'umuja wawe n'umusuhuke w'umunyamahanga basubizwemo intege" (Kuva 23:12). Kuruhuka biduhumura amaso tukabona ishusho ngari kandi bikaduha kumva neza uburenganzira bw'abandi. Bityo rero umunsi w'ikiruhuko, ushingiye kuri Ukaristiya, umurikira icyumweru cyose, kandi ukadutera guhangayikishwa cyane no kwita ku bidukikije n'abakene." — *Pope Francis, Laudato Si, article 237, pp. 172-173, Vatican Press, 2015.*

Ese iki cyifuzo cya Papa cyafatwa nk'aho itegeko ry'icyumweru ryagiyeho? Umwuka w'ubuhanuzi agaragaza ko itegeko ryo kuruhuka icyumweru rizajyaho ari uko Leta Zunze Ubumwe za Amerika zimaze guhindura amahame y'umudendezo mu by'idini ari mu itegeko Nshinga rya Leta Zunze Ubumwe za Amarika, nk'uko aya magambo ibisobanura:

"Kandi ibi birerekana bihagije ko atari ugukekeranya kuvuga ko Abagatolika n'Abaporotesitanti bazahuriza hamwe mu gutegeka kuruhuka umunsi wa mbere w'icyumweru. Abagatolika bubahiriza uwo munsi nk'ikimenyetso cy'ububasha bwabo bwo ´gushyiraho iminsi mikuru yategetswe, no gutegeka ko utayubahirije aba akoze icyaha', kandi Abaporotestanti barimo gukora ibishoboka byose kugira ngo ibyo byubahirizwe na bose. Birazwi neza ko amatorero menshi y'Abaporotesitanti ari guhindura cyane uko yafataga Kiliziya Gatolika, kandi igikorwa cy'ubumwe bw'ayo matsinda yombi mu gushyigikira kubahirizwa k'umunsi wa mbere w'icyumweru ntigishidikanywaho na gato. Nyamara mu myaka mike ishize, iki gitekerezo cyigishwaga mu mbaraga z'ubuhanuzi bwonyine. Ariko noneho mu biri kuba ubu tubona ibimenyetso simusiga byo gusohozwa kwabyo. Intego yihariye y'Ishyirahamwe ry'Ivugurura mu Gihugu 'ni ugushaka ivugurura mu by'imyizerere mu Itegeko Nshinga ry'igihugu ku buryo umunsi wa mbere w'icyumweru wakurwa mu kutubahwa ahubwo ukubahirizwa na bose." -*Ellen G. White, The Spirit of Prophecy, Vol. 4, p. 39.*

Ikindi cyo kwitabwaho ni uko Umwuka w'ubuhanuzi agaragaza ko Satani azateza ibyago ku isi, agamije

kwerekana ko Abaruhuka Isabato y'Uwiteka ari bo ba nyirabayaza ku byago bibera ku isi nk'uko biri mu magambo aboneka mu gitabo cy'Intambara ikomeye:

"Igihe yiyereka abana b'abantu nk'umuvuzi ukomeye ushobora kubakiza indwara zabo zose, azateza indwara n'ibyorezo kugeza aho imidugudu n'ibirorero bisigara ari amatongo n'ibidaturwa. Na magingo aya ari ku murimo we. Satani arateza impanuka n'ibyorezo mu nyanja no ku butaka, umuriro wa kirimbuzi, umuraba ukaze, imyuzure, inkuba, imiyaga y'ishuheri, kubura epfo na ruguru, ibishyitsi hirya no hino kandi mu buryo bwinshi, imbaraga ze ziri ku murimo. Yararika umwero w'ubutaka, maze inzara n'ubwihebe bigakurikiraho. Ahumanya umwuka wo mu kirere, maze abantu ibihumbi byinshi bakarimbuka. Ibyo byago bizarushaho kwaduka ku isi kandi ari na ko birimbura. Kurimbuka kuzaba ku bantu no ku nyamaswa. "Isi iri mu cyunamo ihindutse amatongo, koko isi irononekaye ihindutse amatongo, izarimbukana n'ibikomerezwa byayo. Isi yandavujwe n'abayituye, kuko bishe amategeko y'Uhoraho, ntibubahirije amateka ye, bishe n'Isezerano rihoraho yagiranye na bo."

"Kandi uwo mushukanyi ruharwa azumvisha abantu ko abakorera Imana ari bo bateje ibyo byago. Itsinda ry'abarakaje Ijuru rizashinja abubahiriza amategeko y'Imana ko ari bo nkomoko y'ibyo byago byose, bahore babahindura abagome. Hazavugwa ko abantu bagomeye Imana bica isabato yo ku munsi wa mbere w'icyumweru (Dimanche); ku bwo ibyo, icyo cyaha cyateje ibyorezo, bikazahagarara ari uko umunsi w'icyumweu umaze guhatirwa abantu bose; kandi ko abakomeza gushyigikira itegeko rya kane baba batesheje umunsi w'icyumweru icyubahiro cyawo, ndetse ko bahungabanya umutekano mu gihugu, kuko bakibuza umugisha w'Imana kandi bakadindiza ubukungu bwacyo. Icyo kirego cya kera cyarezwe umugaragu w'Imana kizabyutswa kandi n'impamvu zizaba ari zimwe: "Maze Ahabu abonye Eliya aramubwira ati: Mbega ni wowe n'umuruho wateje Isirayeli? Eliya aramusubiza ati, "Erega si



jye wateje Isirayeli umuruho, ahubwo ni wowe n'inzu ya so kuko mwaretse amategeko y'Uwiteka mugakurikira Baali." Ni bwo abantu bazazabiranywa n'uburakari babitewe n'amazimwe babwiwe, maze bibasire abagaragu b'Imana nk'uko ba bahakanyi bo mu Bisirayeli bibasiye Eliya. " -*Ellen G. White, Intambara Ikomeye, p. 573.*

### 3.3 Icyorezo cya Koronavirusi n'ubuhanuzi

Koronavurusi yateye indwara yiswe Covid-19 (Coronavirus disease 2019) ni virusi yahawe izina rya SARS-CoV-2 (severe respiratory syndrome coronavirus type 2), yamenyekanye ku wa 31/12/2019 ahitwa Wuhan mu Bushinwa. Iyi ndwara yemejwe nk'icyorezo kibasiye isi (pandemic) ku wa 11/03/2020. (Amakuru agenda atangwa na OMS/ WHO ku rubuga: *https://www.who.int/fr/emergencies/diseases/novel-coronavirus-2019* )

Kuva icyo gihe kugeza ubu, iyi ndwara yahungabanyije isi yose mu buryo twese tutazibagirwa; twe twandika aya magambo, turi abaganga kandi tukaba beneso muri Kristo Yesu, ni yo mpamvu twifuje kugira ibyo tuyivugaho nk'abaganga kandi bari mu rugendo rujya mu ijuru.

#### 3.3.1 Ibyorezo no gusohora k'ubuhanuzi

Iyi ndwara ni icyorezo kimwe n'ibindi byorezo byagiye bihaho mu mateka y'Isi kuva icyaha cyatwadukamo nk'uko kuri iyi si yacu duhura n'ibindi birushya byinshi bikomeza kutwibutsa ko dukwiye guhoza imitima yacu mu ijuru aho Umukiza wacu ari kandi azaza kutwambura uyu mubiri ubora kandi upfa *(Abakolosayi 3:1, 1 Abakorinto 15:53)*:

Kugira ngo tugendane neza, reka turebere hamwe izindi ndwara z'ibyorezo zagiye zibaho mu mateka y'isi.

1) Ubushita mu mwaka wa 1520, bwahitanye abantu miliyoni 56 ku isi yose. Kuva ubwo, hagiye habaho ibindi byorezo by'ubushita mu turere dutandukanye tw'isi. Iyi

ndwara yaje kugenda igabanuka uhereye igihe urukingo rwayo rwakwirakwiriye kandi rugakoreshwa na benshi. Mu kwezi k'Ukuboza 1979, Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima (OMS/WHO) ryemeje ko iyi ndwara yaranduwe burundu ku isi.

2) Sida yatangiye 1981, imaze guhitana abakabakaba miliyoni 35 ku isi yose.
3) Ibicurani byo muri Esipanye, 1918-1919, byahitanye abantu babarirwa hagati ya miliyoni 40-50 ku isi yose.
4) Umuriro w'umuhondo (Fièvre jaune=yellow fever) muri za 1800, wahitanye abantu babarirwa hagati y'ibihumbi 100-150 ku isi yose,
5) Ebola muri 2014-2016 muri Afurika y'iburengerazuba cyane cyane muri Liberia yahitanye abantu bagera ku bihumbi 11, kugeza ubu iyi ni indwara iyogoza ah igeze hose kuko yandura kandi ikica cyane.

Koronavirusi rero si cyo cyorezo cya mbere kibayeho kandi birashoboka cyane ko atari icya nyuma. Amatek agenda yisubiramo ndetse bikatwibutsa ko turi mu i yangijwe n'icyaha duhuriramo n'ibiturushya byinshi.

Koronavirusi yabaye icyorezo kidasanwe kubera turi m gihe amakuru akwirakwira mu buryo bwihuse bituma i imera nk'umudugudu; ibi bituma amakuru nyayo ndets n'ibihuha byihuta cyane. Iyi ndwara rero yavuzweh byinshi haba mu basenga n'abadasenga, bamwe bakavug ko iyi ndwara yatejwe n'abantu bagambiriye kugaban umubare w'abatuye iyi yose, abandi bakavuga ko yaduts kugira ngo isi ijye kuri gahunda imwe (new world orde ibi bigahuzwa na gahunda yo kuzagera ubwo duhatirw kureka kubahiriza Isabato y'Imana bityo tukazashyirwah ikimenyetso cy'inyamaswa. Nyamara ibi byose ni ibigam kuturangaza mu buryo butandukanye, haba mu bukiris bwacu cyangwa se mu kwirinda iki cyorezo. Ibyo kuram Imana cyangwa inyamaswa ntibikwiye kwitiranyw n'ibintu bifatika kuko urugamba turimo atari urw'umubi Ikiri ukuri ni uko abatuye isi twese turi mu bihe bikome



byo kurwana no kuva muri iki cyorezo, kandi tukakivamo kitatumazemo abacu, ibi rero bikaba bidusaba kwirinda uko dushoboye kose ndetse tukarinda n'abacu.

Kimwe mu bikoreshwa twirinda iyi ndwara ni udupfukamunwa: Udupfukamunwa twabayeho kuva kera; abaganga baratwambara iteka iyo bari kubaga kugira ngo hatagira uwanduza umurwayi indwara zandurira mu mwuka duhumeka, abakora mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro baratwambara kugira ngo badahumeka ubuvungukira bubasha kwangiza ibihaha, n'ibindi n'ibindi. Kimwe mu bintu bibabaje ni ukumva ko hari bamwe mu bizera banga kwambara agapfukamunwa kubera imyumvire yabo, ibi bikaba bihabanye burundu n'amahame twizera yo kwirinda indwara, ikindi ni uko mu by'ukuri nta hantu na hamwe kwambara agapfukamunwa bikwiye kwitiranywa n'imyizerere; mureke twe kurangazwa n'umwanzi turwana intambara zitari ngombwa.

Ibyorezo iyo biduteye, kenshi hafatwa ingamba zo kubyirinda. Nk'uko twese tuzi neza ko kwirinda biruta kwivuza, ni yo mpamvu hashyizweho ingamba zitandukanye mu kwirinda iyi ndwara, harimo; guma mu rugo, kwambara udupfukamunwa, gukaraba intoki inshuro nyinshi, n'ibindi.

Iyi ndwara rero uretse guhungabanya ubuzima bwacu, yagiye ivugwaho byinshi mu ruhando rw'abakristo ndetse benshi bayiha ubusobanuro bwa gihanuzi:

Luka 21:11: *"Kandi mu isi hamwe na hamwe hazaba ibishyitsi bikomeye, kandi hazabaho inzara n'ibyorezo by'indwara. Hazabaho n'ibitera ubwoba, n'ibimenyetso bikomeye biva mu ijuru".*

Aya ni amwe mu magambo Yesu yabwiye abigishwa be ubwo bamubazaga ibimenyetso by'iminsi y'imperuka. Ibi rwose ni ibimenyetso bitwibutsa ko tugomba gukomeza kwitegura Umukiza wacu, gusa ntibikwiye kuduha ububasha tutahawe bwo kugena amatariki yo kugaruka kwa Yesu, ibi

ndwara yaje kugenda igabanuka uhereye igihe urukingo rwayo rwakwirakwiriye kandi rugakoreshwa na benshi. Mu kwezi k'Ukuboza 1979, Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima (OMS/WHO) ryemeje ko iyi ndwara yaranduwe burundu ku isi.

2) Sida yatangiye 1981, imaze guhitana abakabakaba miliyoni 35 ku isi yose.
3) Ibicurani byo muri Esipanye, 1918-1919, byahitanye abantu babarirwa hagati ya miliyoni 40-50 ku isi yose.
4) Umuriro w'umuhondo (Fièvre jaune=yellow fever), muri za 1800, wahitanye abantu babarirwa hagati y'ibihumbi 100-150 ku isi yose,
5) Ebola muri 2014-2016 muri Afurika y'iburengerazuba, cyane cyane muri Liberia yahitanye abantu bagera ku bihumbi 11, kugeza ubu iyi ni indwara iyogoza aho igeze hose kuko yandura kandi ikica cyane.

Koronavirusi rero si cyo cyorezo cya mbere kibayeho, kandi birashoboka cyane ko atari icya nyuma. Amateka agenda yisubiramo ndetse bikatwibutsa ko turi mu isi yangijwe n'icyaha duhuriramo n'ibiturushya byinshi.

Koronavirusi yabaye icyorezo kidasanwe kubera turi mu gihe amakuru akwirakwira mu buryo bwihuse bituma isi imera nk'umudugudu; ibi bituma amakuru nyayo ndetse n'ibihuha byihuta cyane. Iyi ndwara rero yavuzweho byinshi haba mu basenga n'abadasenga, bamwe bakavuga ko iyi ndwara yatejwe n'abantu bagambiriye kugabanya umubare w'abatuye iyi yose, abandi bakavuga ko yadutse kugira ngo isi ijye kuri gahunda imwe (new world order), ibi bigahuzwa na gahunda yo kuzagera ubwo duhatirwaho kureka kubahiriza Isabato y'Imana bityo tukazashyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa. Nyamara ibi byose ni ibigamije kuturangaza mu buryo butandukanye, haba mu bukiristo bwacu cyangwa se mu kwirinda iki cyorezo. Ibyo kuramya Imana cyangwa inyamaswa ntibikwiye kwitiranywa n'ibintu bifatika kuko urugamba turimo atari urw'umubiri. Ikiri ukuri ni uko abatuye isi twese turi mu bihe bikomeye



byo kurwana no kuva muri iki cyorezo, kandi tukakivamo kitatumazemo abacu, ibi rero bikaba bidusaba kwirinda uko dushoboye kose ndetse tukarinda n'abacu.

Kimwe mu bikoreshwa twirinda iyi ndwara ni udupfukamunwa: Udupfukamunwa twabayeho kuva kera; abaganga baratwambara iteka iyo bari kubaga kugira ngo hatagira uwanduza umurwayi indwara zandurira mu mwuka duhumeka, abakora mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro baratwambara kugira ngo badahumeka ubuvungukira bubasha kwangiza ibihaha, n'ibindi n'ibindi. Kimwe mu bintu bibabaje ni ukumva ko hari bamwe mu bizera banga kwambara agapfukamunwa kubera imyumvire yabo, ibi bikaba bihabanye burundu n'amahame twizera yo kwirinda indwara, ikindi ni uko mu by'ukuri nta hantu na hamwe kwambara agapfukamunwa bikwiye kwitiranywa n'imyizerere; mureke twe kurangazwa n'umwanzi turwana intambara zitari ngombwa.

Ibyorezo iyo biduteye, kenshi hafatwa ingamba zo kubyirinda. Nk'uko twese tuzi neza ko kwirinda biruta kwivuza, ni yo mpamvu hashyizweho ingamba zitandukanye mu kwirinda iyi ndwara, harimo; guma mu rugo, kwambara udupfukamunwa, gukaraba intoki inshuro nyinshi, n'ibindi.

Iyi ndwara rero uretse guhungabanya ubuzima bwacu, yagiye ivugwaho byinshi mu ruhando rw'abakristo ndetse benshi bayiha ubusobanuro bwa gihanuzi:

Luka 21:11: *"Kandi mu isi hamwe na hamwe hazaba ibishyitsi bikomeye, kandi hazabaho inzara n'ibyorezo by'indwara. Hazabaho n'ibitera ubwoba, n'ibimenyetso bikomeye biva mu ijuru".*

Aya ni amwe mu magambo Yesu yabwiye abigishwa be ubwo bamubazaga ibimenyetso by'iminsi y'imperuka. Ibi rwose ni ibimenyetso bitwibutsa ko tugomba gukomeza kwitegura Umukiza wacu, gusa ntibikwiye kuduha ububasha tutahawe bwo kugena amatariki yo kugaruka kwa Yesu, ibi

bizwi na Data wa Twese wenyine. Dushobora kugwa mu mutego wo kwibera mu kugenzura ibihe tukazibagirwa ko ikitugira abakristo ari ukumenya Imana no kubana na yo.

### 3.3.2 Imiterere y'icyorezo cya Koronavirusi itandukanye ite n'ibindi byorezo?

Mbere yo kuvuga kuri iki cyorezo ku buryo burambuye, turabanza kuvuga ku nzego z'ibyorezo muri rusange. Turifashisha busobanuro butangwa n'inkoranyamagambo yo kuri murandasi yitwa Wikipedia:

Icyorezo (epidemic mu Cyongereza cyangwa Épidémie mu Gifaransa) ni ijambo rikomoko mu Kigiriki ἐπί (soma 'epi' bisobanura "ku") na δῆμος (soma 'demos' bisobanura "imbaga") ni indwara isakara ku buryo bwihuse ku mubare w'abantu benshi mu mbaga runaka kandi mu gihe gito. Aha twatanga ingero z'indwara zandura cyane zishobora kwibasira uturere cyangwa imijyi, nka kolera, macinya myambi, ebola n'izindi. Icyorezo cyo ku rwego rwa nyuma cyitwa Pandemic mu Cyongereza cyangwa Pandémie mu Gifaransa. Ni ijambo naryo riva mu Kigiriki πᾶν (soma 'pan' bisobanura "hose bose") na δῆμος (soma 'demos' bisobanura "imbaga") ni icyorezo cy'indwara yandura kibasira abantu mu gice kinini cy'isi kigafata imigabane myinshi cyangwa uturere twose tw'isi kandi kikibasira imbaga nini y'abantu. Ni y mpamvu ubwo indwara ya Koronavirusi yadukaga yatangiye kwitwa icyorezo cyo mu rwego rwa Epidemic/ Épidémie ariko ubwo yari imaze kwibasira imigabane myinshi, Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima (WHO/OMS) ryatangaje ko Koronavirusi yabaye icyorezo cyo mu rwego rwa Pandemic/ Pandémie.

Kuba epidemic cyangwa pandemic ntibireben[a] mu mubare w'abapfuye cyangwa ijanisha ry'abap[fuye] mu banduye (bibaye ibyo, ebola yica abarenga 70 [%] yakwitwa pandemic), ahub[wo]... by'abayanduye niyo



nk'uko ubusobanuro bwo muri Wikipedia bubivuga, bareba umubare w'abantu bandura, mu gihe gito ndetse n'ubunini bw'ahantu hibasiwe.

Indwara zabaye akarande n'ubwo zaba zandura zitwa Endemic (Endémie), ndetse hakaba ubwo hongerwaho akajambo holo- (bikaba holo-endemic/holo-endémie) iyo indwara nk'iyo yibasira uduce twinshi tw'igihugu cyangwa akarere kandi mu bihe byose bigize umwaka. Aha urugero twatanga ni malariya mu bihugu birimo ibyo muri Afurika yo Hagati n'iy'Uburasirazuba.

### 3.3.3 Amateka y'agakoko ka Koronavirusi

Koronavirusi ni agakoko gato cyane, kagaragara mu byuma bireba utuntu duto cyane (microscope électronique/ electron microscope) nk'akantu kaburungushuye ariko gakikijwe n'ikamba. Uko kugaragaza ikamba ni yo mvano y'izina "Corona-virus" bishaka kuvuga virusi ifite ikamba. Ni ubwoko bwa virusi byaje kugaragara ko buba cyane mu nyoni nk'uducurama (aho amoko arenga 5000 amaze kugaragara) ndetse n'izindi nyamaswa nk'imbeba, imbwa, n'izindi. Aya makuru ndetse n'amateka ya Koronavirusi aboneka ku buryo burambuye henshi, ariko twifashishije ubushakashatsi bwa *Kahn JS & McIntosh K. History and Recent Advances in Coronavirus Discovery, The Pediatric Infectious Disease Journal: 2005;24(11):S223-S227*, ndetse n'imbuga nkusanyamakuru za *https://www.biofiredx.com/blog/history-of-coronavirus/* ndetse na *https://en.wikipedia.org/wiki/Coronavirus*.

Amateka agaragaza ko Koronavirusi yabonywe bwa mbere mu muntu mu mwaka w'1965 muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Kuva ubwo, ubwoko bugari 8 bwa Koronavirusi bwapimwe mu bantu ndetse bumwe buteza ibyorezo, mu gihe ubundi butera uburwayi budakanganye. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza amateka ya Koronavirusi zapimwe mu bantu.

**Imbonerahamwe 1. Amateka y'agakoko ka Koronavirusi mu bantu**

| Igihe (umwaka) | Ubwoko bwa Koronavirusi | Aho bwabonetse bwa mbere | Ibindi byo kuzirikana |
|---|---|---|---|
| 1965* | B814 | Leta Zunze Ubumwe za Amerika | Ubu bwoko bwamaze kuzimira |
| 1967* | 229E | Leta Zunze Ubumwe za Amerika | Muri rusange, ubu bwoko bwa Koronavirusi butera uburwayi budakanganye mu myanya y'ubuhumekero, butigeze bwitwa icyorezo, kandi buboneka henshi ku isi |
| 1967 | OC43 | Leta Zunze Ubumwe za Amerika | |
| 2003 | NL63 | U Buholandi | |
| 2004 | HKU1 | Hong-Kong | |
| 2002–2004 | SARS-CoV¶ | U Bushinwa | Icyorezo cyageze mu bihugu 29, abantu bayipimwemo ni hafi 8100, hapfa hafi 800. Bikekwa ko ubwandu bwaturutse mu njangwe. |
| 2012–2013 | MERS-CoV | Arabiya Sawudite | Icyorezo cyafashe abantu hafi 700 kandi gihitana hafi 110. Nyuma y'icyorezo, habonetse abantu bafite ubwandu. Bose hamwe babarirwa muri 2500 bo mu bihugu 21, kandi hafi 35% barapfuye. *Bikekwa ko ubwandu bwaturutse mu ngamiya* |
| 2019 | SARS-CoV-2 | *U Bushinwa* | *Bikekwa ko ubwandu bwaturutse mu ducurama. Andi makuru yagarutsweho muri iyi nyandiko.* |



** Umwaka wavuzwe ni igihe abahanga babashije kubona neza imiterere y'agakoko, ariko kabaga karapimwe mu barwayi imyaka mike mbere yaho.*

*¶ Nyuma yo kuboneka kw'indi SARS-CoV (yiswe SARS-CoV-2) itera Covid-19 mu mwaka wa 2019, iriya SARS-CoV yabonetse muri 2002-2004 yahise yitwa SARS-CoV-1.*

*MERS-CoV: Middle East Respiratory Syndrome-related Coronavirus; SARS-CoV: Severe Acute Respiratory Syndrome-related Coronavirus.*

**Icyitonderwa**: Ubwoko bwa Koronavirusi bwa 229E, OC43, NL63 na HKU1 busanzwe buboneka no mu Rwanda, kuko mu bushakashatsi bwakozwe uhereye muri 2011, umugabane wabwo uheruka ugashyirwa ahagaragara mu kwezi k'Ukwakira 2019, bimwe mu byagaragaye nuko mu bana 480 bari bafite indwara zo mu buhumekero, 18 basanganywe buriya bwoko bwa Koronavirusi (*Rugwizangoga B, Andersson ME, Kabayiza JC, Nilsson MS, Ármannsdóttir B, Aurelius J, Nilsson S, Hellstrand K, Lindh M, Martner A. IFNL4 genotypes predict clearance of RNA viruses in Rwandan children with upper respiratory tract infections. Front. Cell. Infect. Microbiol. 2019. doi: 10.3389/fcimb.2019.00340. PMCID: PMC6787560*).

### 3.3.4. Abadiventisiti bakwifata bate ku byerekeye urukingo rwa Koronavirusi?

Bimwe mu bibazo byagiye byibazwa ku nkingo:
- Ese izi nkingo nta ngaruka zikomeye zaduteza, bati zishobora kuzangiza DNA y'umuntu (iyi DNA niyo igena imiterere y'umuntu umwana akomora ku babyeyi be bituma abasha gusa cyangwa kwitwara nkabo)
- Kuki zabonetse vuba ugereranyije n'imyaka myinshi byagiye bifata izindi nkingo
- Kwibaza niba zibasha kuturinda kurwara no kuremba

- Niba abarwayi benshi ba Covid-19 bataremba twaba dukeneye gukingirwa?
- Ibihuha bishingiye ku madini atandukanye: Abakristo benshi bakibwira ko ibi bijyanye n'ikimenyetso cy'inyamaswa (umubare 666), abiyisilamu bati inkingo zakozwe mu ngurube bityo ko zirahumanye, abo mu idini ry'Abahindu nabo bati zakozwe ku bikomoka mu nka kandi bazisenga bityo ntibakozwe inkingo
- Abandi bati Bill Gates abyihishe inyuma kugira ngo abone uko agenzura isi atera mu bantu za microchips (soma mikorocipusi) zihishe mu inkingo za Covid-19
- Abandi bati Covid-19 n'inkingo zayo ni umugambi mubisha wo kugabanya abaturage ba Afrika kugira ngo ibihugu by'iburayi na America birusheho kwigarurira umutungo kamere wa Afrika.
- Abandi bati Covid-19 ifitanye isano n'iminara y'ubwoko bwa interineti bwihuta cyane bwa 5G
- Abandi bati inkingo zidakorewe muri Afrika ntitukazizere ahubwo twikoreshereze ubuvuzi bw'ibyatsi mu guhashya Covid-19.

Dufashe umwanya wo kurondora ibi byibazwa kuri Covid-19 n'inkingo zayo kugira ngo turebe niba twatuza tugasuzuma neza ibi byibazwa; ese koko ni gute indwara imwe n'inkingo zayo bibasha gutera ibi bibazo byose, mbese buri wese mu myumvire ye abasha kuzana icyo yitekerereje akagishyira ku nkingo na Covid-19 tukacyemera nk'ukuri? Mureke dushishoze neza twe kugwa mu mitego y'abantu bapfa kuvuga ibidafite ishingiro.

Inkingo zabayeho kuva kera kandi zakingiye ubuzima bwacu twese indwara zahitanaga abantu kera: urugero; indwara y'iseru, ubushita, imbasa, umuriro w'umuhondo n'izindi. Twese twakingiwe izi ndwara tukiri abana ndetse n'ubu tuzi neza ko abana bacu badakwiye gusimbuka inkingo; kuko tuzi neza umumaro wazo.



Izi nkingo za Covid-19 zakozwe mu gihe gito ugereranyije n'izi tumaze kuvuga haruguru kubera ko hari izindi virus zifitanye isano na Koronavirusi itera Covid-19 zadutse mu myaka ya 2002 na 2014 zigakorerwaho ubushakashatsi bw'inkingo bityo ubwo Covid-19 yadukaga mu 2019 irangira, yasanze hari urufatiro rwashingirwaho kugira ngo inkingo zayo zibashe kuboneka (Reba: *Li YD, Chi WY, Su JH. et al. Coronavirus vaccine development: from SARS and MERS to COVID-19. J Biomed Sci. 2020;27:104* ndetse na *Costanzo M, De Giglio MAR, Roviello GN. Anti-Coronavirus Vaccines: Past Investigations on SARS-CoV-1 and MERS-CoV, the Approved Vaccines from BioNTech/ Pfizer, Moderna, Oxford/AstraZeneca and others under Development Against SARS-CoV-2 Infection. Curr Med Chem. 2021 May 21*).

Ikindi ni uko ikoranabuhanga ubu ryateye imbere cyane ugeranyije n'imyaka yabanje ndetse isi ubu yabaye nk'umudugudu bituma abantu babasha gukorera hamwe bakagera ku gisubizo cy'ikibazo mu gihe gito (*Dance A. Coronavirus vaccines get a biotech boost: Advances in technology are accelerating the search for drugs to arm the immune system against SARS-CoV-2. Nature 2020; 583:647–649* ndetse na *Moharir KS, Arora SK, Subhash R. Yende SR, Lohiya GK, Shah SK. The Open COVID Journal 2021;1:65–76*). Kwitwaza ko kuba byarafashe igihe gito ngo inkingo zitugereho bituma ziba zitujuje ubuziranenge ni ukwigiza nkana.

Ikindi dukwiye kuzirikana ni uko mu buvuzi, imiti n'inkingo, iteka ryose, bisuzumanwa ubwitonzi kugira ngo bitazateza imibiri yacu ibibazo bikomeye. Iki aba ari ikintu cy'ibanze mu kwemerera umuti uwo ari wo wose gushyirwa ku isoko; ibi bikaba biduha icyizere cyose ko yaba Bill Gates cyangwa undi wese atabasha gucengera ngo yigarurire ubuvuzi bw'isi yose kugira ngo aducengezemo microchips.

- Niba abarwayi benshi ba Covid-19 bataremba twaba dukeneye gukingirwa?
- Ibihuha bishingiye ku madini atandukanye: Abakristo benshi bakibwira ko ibi bijyanye n'ikimenyetso cy'inyamaswa (umubare 666), abiyisilamu bati inkingo zakozwe mu ngurube bityo ko zirahumanye, abo mu idini ry'Abahindu nabo bati zakozwe ku bikomoka mu nka kandi bazisenga bityo ntibakozwe inkingo
- Abandi bati Bill Gates abyihishe inyuma kugira ngo abone uko agenzura isi atera mu bantu za microchips (soma mikorocipusi) zihishe mu inkingo za Covid-19
- Abandi bati Covid-19 n'inkingo zayo ni umugambi mubisha wo kugabanya abaturage ba Afrika kugira ngo ibihugu by'iburayi na America birusheho kwigarurira umutungo kamere wa Afrika.
- Abandi bati Covid-19 ifitanye isano n'iminara y'ubwoko bwa interineti bwihuta cyane bwa 5G
- Abandi bati inkingo zidakorewe muri Afrika ntitukazizere ahubwo twikoreshereze ubuvuzi bw'ibyatsi mu guhashya Covid-19.

Dufashe umwanya wo kurondora ibi byibazwa ku Covid-19 n'inkingo zayo kugira ngo turebe niba twatuz tugasuzuma neza ibi byibazwa; ese koko ni gute indwara imwe n'inkingo zayo bibasha gutera ibi bibazo byose mbese buri wese mu myumvire ye abasha kuzana icyo yitekerereje akagishyira ku nkingo na Covid-19 tukacyemera nk'ukuri? Mureke dushishoze neza twe kugwa mu mitego y'abantu bapfa kuvuga ibidafite ishingiro.

Inkingo zabayeho kuva kera kandi zakingiye ubuzima bwacu twese indwara zahitanaga abantu kera: urugero indwara y'iseru, ubushita, imbasa, umuriro w'umuhondo n'izindi. Twese twakingiwe izi ndwara tukiri abana ndetse n'ubu tuzi neza ko abana bacu badakwiye gusimbuka inkingo; kuko tuzi neza umumaro wazo.



Izi nkingo za Covid-19 zakozwe mu gihe gito ugereranyije n'izi tumaze kuvuga haruguru kubera ko hari izindi virus zifitanye isano na Koronavirusi itera Covid-19 zadutse mu myaka ya 2002 na 2014 zigakorerwaho ubushakashatsi bw'inkingo bityo ubwo Covid-19 yadukaga mu 2019 irangira, yasanze hari urufatiro rwashingirwaho kugira ngo inkingo zayo zibashe kuboneka (Reba: *Li YD, Chi WY, Su JH. et al. Coronavirus vaccine development: from SARS and MERS to COVID-19. J Biomed Sci. 2020;27:104* ndetse na *Costanzo M, De Giglio MAR, Roviello GN. Anti-Coronavirus Vaccines: Past Investigations on SARS-CoV-1 and MERS-CoV, the Approved Vaccines from BioNTech/ Pfizer, Moderna, Oxford/AstraZeneca and others under Development Against SARS-CoV-2 Infection. Curr Med Chem. 2021 May 21*).

Ikindi ni uko ikoranabuhanga ubu ryateye imbere cyane ugeranyije n'imyaka yabanje ndetse isi ubu yabaye nk'umudugudu bituma abantu babasha gukorera hamwe bakagera ku gisubizo cy'ikibazo mu gihe gito (*Dance A. Coronavirus vaccines get a biotech boost: Advances in technology are accelerating the search for drugs to arm the immune system against SARS-CoV-2. Nature 2020; 583:647–649* ndetse na *Moharir KS, Arora SK, Subhash R. Yende SR, Lohiya GK, Shah SK. The Open COVID Journal 2021;1:65–76*). Kwitwaza ko kuba byarafashe igihe gito ngo inkingo zitugereho bituma ziba zitujuje ubuziranenge ni ukwigiza nkana.

Ikindi dukwiye kuzirikana ni uko mu buvuzi, imiti n'inkingo, iteka ryose, bisuzumanwa ubwitonzi kugira ngo bitazateza imibiri yacu ibibazo bikomeye. Iki aba ari ikintu cy'ibanze mu kwemerera umuti uwo ari wo wose gushyirwa ku isoko; ibi bikaba biduha icyizere cyose ko yaba Bill Gates cyangwa undi wese atabasha gucengera ngo yigarurire ubuvuzi bw'isi yose kugira ngo aducengezemo microchips.

Kimwe n'izindi nkingo zabanje cyangwa indi miti, ntihabura kubaho ko bake cyane mu bazifata imibiri yabo ibasha kutazakira neza (effets secondaires=side effects), ariko kugeza ubu izi ngaruka ziri hasi cyane ugereranyije n'umusaruro ukomeye uba witezwe mu gukingirwa nko kuturinda kwandura Covid-19 cyangwa se kuremba umuntu yanduye.

Twese dukeneye kubona ubuzima bwasubiye uko bwahoze, ndetse tutumva inkuru mbi zo kubura abacu kubera Covid-19. Turi mu rugamba rukomeye bityo ntidukwiye kwemera ikiturangaza twanga gukingirwa kubera ibihuha bidafite ireme. Ikindi ni uko gukwirakwiza ibi bihuha ubwabyo bidusubiza inyuma cyane muri iyi nkundura yo guhashya Covid-19.

Twese twakomeje kubona uko iyi Covid-19 igenda ikaza umurego, ikibatsi yaducanyeho mu kwezi kwa gatandatu n'ukwa karindwi k'uyu mwaka wa 2021 henshi muri Afurika ndetse na mbere yaho mu Buhinde n'ibihugu by' i Burayi bikwiye kutwereka ko tudakwiye kuzuyaza tugana iyo gukingirwa ari byo byonyine bizatuma twibagirwa guma mu rugo.

### 3.3.5 Itorero rivuga iki kubirebana n'urukingo?

#### Uburyo itorero ribona inkingo muri rusange

Itorero rishishikariza abayoboke baryo gukingirwa ku buryo butekerejweho, bwizweho, bufite ibifatika bushingiyeho (responsible immunization), kandi ku bw'ibyo nta mpamvu dufite yaba ishingiye ku idini cg ku myizerere yo kudashishikariza abayoboke bacu kugira uruhare muri gahunda zo kwirinda no gukumira indwara bishingiye ku gukingirwa."

Ntabwo turi umutimanama w'umwizera w'Itorero ku giti cye, kandi tuzirikana amahitamo ya buri muntu. Ibi



bikorwa n'umuntu ku giti cye. Guhitamo kudakingirwa na byo kandi ntibigomba gufatwa nk'amabwiriza (dogma) cyangwa inyigisho z'Itorero ry'Abadiventisti b'umunsi wa Karindwi.

Immunization statement 2014 (Itangazo ku birebana no gukingira 2014) riboneka kuri: <u>https://www.Adventist.org/articles/immunization/.</u>

#### Imyitwarire ya Ellen White ku bijyanye n'inkingo

Kwikingiza ubushita: Kuwa 12 Kanama 1931 uwitwa D. E. Robinson, umwe mu banyamabanga ba Ellen G. White yanditse amagambo akurikira ku byerekeye uko Ellen White yabonaga urukingo. Yaranditse ati: "Mushaka kumenya amakuru nyayo kandi yumvikana yerekeye ibyo mushiki wacu White yanditse ku byerekeye urukingo na serumu. Iki kibazo gishobora gusubizwa mu magambo make cyane kubera ko nta hantu dufite yabyanditse. Mu nyandiko ze zose nta hantu yavuze ku kwikingiza na serumu. Nyamara muzanezezwa no kumenya ko igihe hariho icyorezo cy'ubushita aho yari atuye, Ellen White ubwe yarikingije kandi anabisaba abafasha be bakoranaga. Mu kwikingiza Ellen White yazirikanaga ko byagaragaye ko urukingo rutuma umuntu atarwara ubushita cyangwa rukoroshya ingaruka zabwo igihe umuntu yaburwaye. Yari azi kandi akaga byagira ku bandi igihe abo bafasha be badafashe izo ngamba." (Uwabyanditse ni D. E. Robinson). *—Ellen White, Ubutumwa Bwatoranijwe, umuzingo wa 2 (2016), p. 345.*

#### Icyo Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi rivuga ku byerekeye urukingo rwa Covid-19

Ingingo ivuga ku rukingo rwa Covid- 19 yanditswe n'abahagarariye Icyiciro cy'Ubuzima mu Nteko Nkuru rusange, ikigo cy'ubushakashatsi bwa Bibliya mu nteko

nkuru rusange, na Kaminuza ya Loma Linda, ishuri ryigisha iby'Imiti (School of Pharmacy) n'iry'ubuzima rusange (School of Public Health). *https://adventist.news/en/news/Covid-19-vaccines-addressing-concerns-offering-counsel*, Ikinyamakuru *News Articles ,18 /12/2020.*

Ibibazo byatewe n'icyorezo cya COVID-19 byateje impaka nyinshi zijyanye n'ibihe by'imperuka no gusobanura Bibiliya mu buryo butari bwo. Igitekerezo kimwe giherutse, cyamamajwe binyuze ku mbuga nkoranyambaga cyari icy'uko inkingo ziri hafi gukorwa mu rwego rwo kurwanya COVID-19 ari uburyo bwo kugenzura abantu bikazatuma bashyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa.

Byagombye kwongera kwibutswa ariko ko Abadiventiste bemera ko impaka zirebana n'ibihe by'imperuka zizashingira ku mategeko y'Imana, cyane cyane ku itegeko rya kane (Ibyah 14:12). Byongeye kandi, ubutumwa bwa marayika wa gatatu buzaburira abantu kwirinda kwakira ikimenyetso (*Ibyah 14:9-11)* kandi bunabamurikire ku bibazo bigendanye nacyo.

Kubera iyo mpamvu, hakwiye kumvikana neza ko Abadiventisti b'umunsi wa karindwi bumva ko "ikimenyetso cy'inyamaswa" atari ikimenyetso nyacyo gifatika ahubwo ko ari ikimenyetso cy'ubudahemuka kigaragaza ko nyiri ukucyakira ari inyangamugayo/indahemuka ku bubasha buhagarariye iyo inyamaswa. Ikindi gitekerezo kivuga ko inkingo zituma abazifata bahumana kuko, bivugwa ko ibintu bikoreshwa mu gukora inkingo biba bihumanye.

Ku birebana n'iyo ngingo, hakwiye gusobanurwa neza ko amabwiriza ya Bibiliya abuza kurya ibyokurya n'amaraso bihumanye (*Abalewi 11: 1-20; 17: 11-12; Ibyakozwe 15:20)* ntareba inkingo ku mpamvu zumvikana: inkingo zikorwa nk'imiti ikiza ubuzima, ntabwo zikoreshwa nk'ibyokurya.



Gukingira, hamwe n'isuku n'amazi meza, byabaye ishingiro ry'iterambere rirambye rigaragara ku isi aho ibyo bikorwa byakoreshejwe. Inkingo zimaze igihe kinini zikoreshwa n'abayoboke b'itorero ry'Abadiventisti ku isi. Inkingo zifatanirije hamwe n'imikorere myiza ishingiye ku buzima/imyitwarire iteza imbere amagara mazima (good health practices), byarinze abantu ubwandu (infections), indwara ndetse n'urupfu.

Mu gihe turebye intera icyorezo kigezeho ku isi yose, impfu, ubumuga, n'ingaruka z'igihe kirekire za COVID-19 zigaragara mu byiciro byose by'abantu, turashishikariza abayoboke bacu kwita ku gukingirwa gutekerejweho (responsible immunization), guteza imbere ubudahangarwa bw'abaturage (ubudahangarwa bukomoka ku kuba hari abantu barwaye indwara cg se bakaba barayikingiwe (herd immunity).

Kwikingiza cg kutikingiza ni icyemezo gifatwa n'umuntu ku giti cye kandi kigomba kunguranwaho inama n'ushinzwe iby'ubuzima. Ubushakashatsi ku giti cy'umuntu kuri iyi ngingo ni ingenzi. Twishingikiriza mu by'ukuri ku mikorere myiza ishingiye ku buzima (health practices) ya Bibiliya n'umwuka w'ubuhanuzi kandi tugakurikira ubuyobozi bw'Imana mu buzima bwacu kuko ari bwo buduha amahoro n'icyizere mu byemezo dufata. Ibyo umusomyi yakongera kubisoma mu itangazo ry'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi ku isi: *https://adventist.news/en/news/Covid-19-vaccines-addressing-concerns-offering-counsel*

Muri rusange, icyo umuntu wese akwiriye kwitaho mu bijyanye n'icyorezo, ni ukumenya uko cyandura n'uko cyakwirindwa ndetse n'uburyo uwanduye agomba kwitabwaho. Ibyo bijyana no kumvira inama zitangwa n'abahanga mu buvuzi n'ubuzima rusange, ndetse no kwitondera kuvanga kwizera n`ibyerekeye icyorezo,

urukingo, gutuza no kwiringira Imana bibashisha umuntu kumenya igikwiriye gukorwa mu gihe gikwiriye, kandi binafasha ubwirinzi bw'umubiri kugira imbaraga zahangana n'indwara. Imirire n'ubundi buryo bwo gufata neza amagara, harimo n'imiti yizewe n'ababihugukiye ko yacogoza cyangwa igakingira indwara na byo bikitabwaho, mu cyimbo cyo kwiyahuza amaganya, ubwoba, kwiheba, ibihuha, imirire itaboneye cyangwa ikindi cyose kinyuranye n'umucyo watanzwe n'Imana ibinyujije mu bo yahaye impano ndetse no mu Ijambo Ryera.

### 3.4. Imyaka 6000 mu kirangaminsi cya gihanuzi

Iyi myaka nk'uko bivugwa mu bitabo bitandukanye, ni yo myaka Satani yahawe kugaragaza ububi bwe hano kuri iy'isi, ariko Imana yaratabaye, nk'uko bigaragazwa n'inyandiko zikurikira:

"Intambara ikomeye hagati ya Kristo na Satani ikaba imaze hafi imyakaibihumbi bitandatu, 6000, igiye kurangira bidatinze; kandi uwo mugome yakajije umurego cyane kugira ngo adindinze umurimo Kristo akorera abantu, maze anangirisha imitima yabo imitego ye". —Ellen G. White, *Intambara Ikomeye, p.368.*

"...Nguko uko icyigomeke kabuhariwe cyihinduranya iyo kigabye igitero cyo kurwanya Imana, mu ntambara yatangiriye mu ijuru igakomeza mu isi, ikaba imaze hafi y'imyaka ibihumbi bitandatu,6000". —Ellen G. White, *Intambara Ikomeye, p. 391.*

"Mu myaka ibihumbi bitandatu,6000, hakomeje kuba intambara ikomeye; umwana w'Imana n'intumwa ze zo mu ijuru bari ku rugamba bahanganyemo n'imbaraga z'umwijima, kugira ngo baburire, bamurikire kandi bakize abana b'abantu". *—Ellen G. White, Intambara Ikomeye, p.458.*



"Mu myaka ibihumbi bitandatu,6000, umurimo wa Satani w'ubwigomeke wahindishije ab'isi umushyitsi. Yari yarahinduye isi ubutayu, arimbura imijyi y'aho. Ndetse niwe wanze kurekura imfungwa ngo zisubire iwabo. Mu myaka ibihumbi bitandatu,6000, iyi gereza afungiwemo, niyo yari yarafungiyemo ubwoko bw'Imana, kandi we yari yaragambiriye kubafungiramo ubuzira herezo; ariko Kristo yaciye izo ngoyi maze afungura izo mfungwa". *—Ellen G. White, Intambara Ikomeye, p. 460.*

Ibika bivuzwe haruguru bitwereka ko imyaka ibihumbi bitandatu,6000, yavuzwe mu bitabo by' Umwuka w'ubuhanuzi, kandi ibi tukabishimira Imana kuko yaduhishuriye aho igihe kigeze ibinyujije mu muja wayo, Ellen G. White.

### Nonese ihuzwa ite n'imyaka ibihumbi 4000?

Iyi myaka nayo yavuzweho nk'uko tugenda tubibona mu nyandiko zikurikira:

Mu gihe Yesu yavukaga, "...Dutangazwa n'igitambo cy'Umukiza wemeye guhara intebe y'Ubwami bw'Ijuru akayigurana umuvure, no gushagarwa n'Abamarayika akabigurana no kubana n'inyamaswa mu kiraro. Ukwishyira hejuru k'umuntu no kwiyumvamo ko yihagije bikozwa isoni imbere Ye. Nyamra iyi yari intango gusa yo kumanuka kwe asize icyubahiro cye kitarondoreka.... Nyamara Yesu yemeye kamere muntu yari imaze imyaka ibihumbi bine yarangijwe n'icyaha". *—Ellen G. White, Uwifuzwa Ibihe byose, (2018), p. 32.*

Kubwo ibyo bamwe bagenderaga ku ivuka rya Yesu nk'irangira ry'imyaka ibihumbi bine, 4000, maze bakabishingiraho bemeza ko mu mwaka w'ibihumbi bibiri, 2000, ko aribwo imyaka ibihumbi bitandatu ,6000 yari kuba irangiye.

Mu gihe Yesu yinjiraga mu butayu guhangana n'Umwanzi, "Satani yerekanishaga gucumura kwa Adamu nk'igihamya yuko itegeko ry'Imana ryigereranya, kandi ko ritabasha kubahirizwa. Yambaye ubumuntu, Kristo yagombaga kunesha ibyari byatsinze Adamu. Kumara imyaka ibihumbi bine,4000, inyokomuntu yari imaze kugenda igira intege nke z'umubiri, mu mbaraga z'ibitekerezo, no mu gutandukanya ikibi n'icyiza; kandi Kristo yishyizeho ubwo busembwa bw'umuntu wangiritse". —*Ellen G. White, Uwifuzwa Ibihe byose, (2018), p. 81.*

Aha ngaha, kuko yagiye mu butayu amaze kubatizwa, muri makumyabiri na karindwi ,27, bamwe niho bashingira bemeza ko Yesu azagaruka mu mwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na karindwi,2027. Kuko icyo gihe niba imyaka ibihumbi bine, 4000, yari ishize kandi iy'isi ikaba izamara imyaka ibihumbi bitandatu, 6000, byumvikane ko iherezo ry'imyaka ibihumbi bibiri, 2000, uhereye igihe yabatirijwe, muri makumyabiri na karindwi, 27, ryashyika mu mwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na karindwi, 2027, ari wo herezo ry'imyaka ibihumbi bitandatu, 6000, maze Umukiza akagaruka.

Mu gihe Yesu yasangiraga ibya Pasika n'intumwa ze, "Kristo yari ahagaze mu gihe kiranga impinduka ikomeye y'ibihe ndetse n'iy'imihango ibiri ikomeye. Kristo, umwana w'intama w'Imana, yari hafi kwitangaho igitambo cy'ibyaha, kugira ngo ashyireho iherezo ry'imihango n'imiziririzo byari bimaze imyaka ibihumbi bine, 4000, byerekeza ku rupfu rwe. Ubwo yasangiraga Pasika n'abigishwa be, Kristo yatangije umuhango wagombaga kuba urwibutso rw'igitambo cye gikomeye". —*Ellen G. White, Uwifuzwa Ibihe byose, (2018), p. 515.*

Yohana 1: 29 "Yesu niwe ntama w'Imana ukuraho icyaha cy'abari mu isi".

"Icyumweru nikigera hagati, azabuzanya ibitambo n'amaturo. Mu mwaka wa mirongo itatu narimwe, 31, imyaka itatu n'igice nyuma y'umubatizo we, Umukiza wacu yarabambwe. Gahunda y'ibitambo yari imaze imyaka ibihumbi bine, 4000, yerekezaga kuri Ntama w'Imana yarangiranye n'igitambo gihebuje ibindi cyatangiwe i Kaluvari. Uwashushanywaga mu bigereranyo yari abonetse, bityo ibitambo byose n'amaturo byatangwaga muri gahunda y'imihango byagombaga guhagararira aho." —*Ellen G. White, Intambara Ikomeye, p. 238.*

Kubwo ibyo kuko Yesu yatanze hagati mu mwaka wa mirongo itatu na rimwe, iyo bongereyeho imyaka 4000, banzura ko Yesu azagaruka hagati mu mwaka w'ihihumbi bibiri na mirongo itatu na rimwe, kuko ariho imyaka ibihumbi bitandatu 6000 yaba irangiye.

**Ni iki Bibiliya n'Umwuka w'ubuhanuzi bivuga ku gushyiraho igihe?**

Biblia itubwira ko tutagomba kugena igihe Yesu azagarukiraho. Igihe Yesu yari kumwe n'Intumwa ze, zashatse kumenya igihe simusiga azagarukira, ariko azibwira ko atari ibyazo, *Ibyakozwe n'Intumwa 1:3-7*: "Amaze kubabazwa ababonekera ari muzima, atanga ibimenyetso byinshi, agumya kubabonekera mu minsi mirongo ine avuga iby'ubwami bw'Imana. Nuko abateraniriza hamwe, abategeka kutava i Yerusalemu ati "Ahubwo murindire ibyo Data yasezeranije, ibyo nababwiye: kuko Yohana yabatirishaga amazi, ariko mwebweho mu minsi mike muzabatirishwa Umwuka Wera." Nuko bamaze guterana baramubaza bati "Mbese Mwami, iki ni cyo gihe wenda kugaruriramo ubwami mu Bisirayeli?" Arabasubiza ati "Si ibyanyu kumenya iby'iminsi cyangwa ibihe Data yagennye, ni ubutware bwe wenyine".

Ubutumwa bwatoranijwe vol. 1, Igice cya 23 havuga ibyo kwirinda kugena ibihe ibyo ari byo byose:

Abigishwa bagize amatsiko yo kumenya igihe nyacyo cyo guhishurwa k'Ubwami bw'Imana; ariko Yesu ababwira ko atari ibyabo kumenya iminsi n'ibihe; kuko Se atabibahishuriye. Kumenya igihe ubwami bw'Imana buzashyiririrwaho ntabwo cyari ikintu cy'ingenzi cyane kuri bo ngo bakimenye. Bagombaga kugaragaza ko bashishikajwe no gukurikira umwigisha wabo, basenga, bategereje, bari maso kandi bakora. Bagombaga kugaragariza isi kamere ya Kristo. Ibyo byari ibya ngombwa mu mibereho ya gikristo inesha mu bihe by'abigishwa, birakenewe no mu bihe byacu. "Arabasubiza ati: 'Si ibyanyu kumenya iby'iminsi cyangwa ibihe Data yagennye, ni ubutware bwe wenyine.'" —*Ellen G. White, Ubutumwa Bwatoranijwe umuzingo wa 1 (2016), p.214.*

"Aho kugira ngo tumarire imbaraga z'ibitekerezo byacu mu kwibwira ibyerekeranye n'iminsi n'ibihe, ibyo Uwiteka afite mu bubasha bwe bwite, kandi byarahishwe abantu, dukwiriye ubwacu kwiyegurira mu maboko ya Mwuka Muziranenge, dukora imirimo yo muri ibi bihe, tugabura umutsima w'ubugingo, utavanze n'ibitekerezo bya kimuntu, ku bantu barimbuka kubera kutamenya ukuri." —*Ellen G. White, Ubutumwa Bwatoranijwe umuzingo wa 1 (2016), p. 215.*

"Ntabwo [Yesu] yazanywe no guteza amatsiko no gushimisha abantu kuko yari azi ko ibi bizatuma abantu barushaho kugira amatsiko no gutangara. Byari intego ye gutanga ubumenyi aho abantu bakura gukura mu by'Umwuka, bagakomeza kugendera mu nzira yo kubaho no gutungana by'ukuri. Yatanze inyigisho zashoboraga guhwana n'ibikenewe mu mibereho yabo ya buri munsi, gusa ukuri nk'uko kwashoboraga kugezwa ku bandi ngo nabo bagutunge. ... Iyaba twagenderaga mu bumenyi bw'ibya Mwuka, twabona ukuri kujya imbere kandi gukwirakwira ahantu tutizeraga cyane; ariko ntikuzigera gutera imbere mu buryo bwatuma dutekereza ko dushobora kumenya iminsi n'ibihe ibyo Imana ifite mu bubasha bwayo. Akenshi naburiwe ku byerekeranye no kugena igihe. Nta kindi gihe kindi hazabaho ubutumwa bwiza ku bantu b'Imana buzashingira ku gihe. Si ibyacu kumenya igihe nyacyo cyaba icyo gusukwa kwa Mwuka Muziranenge cyangwa icyo kugaruka kwa Kristo." —*Ellen G. White, Ubutumwa Bwatoranijwe umuzingo wa 1 (2016), pp. 215-217.*

"Uwiteka yanyeretse y'uko ubutumwa bugomba gutambuka, kandi ko budakwiriye gushingira ku gihe, kuko igihe ntikizongera na rimwe gushingirwaho". —*Ellen G. White, Ubutumwa Bwatoranijwe umuzingo wa 1 (2016), p. 217.*

"Ntuzashobora kwemeza ko azaza mu mwaka, ibiri cyangwa imyaka itanu, cyangwa kuvuguruza ibingibi uvuga ko bidashobora kuba mu myaka cumi cyangwa makumyabiri". —*Ellen G. White, Ubutumwa Bwatoranyijwe, umuzingo wa 1 (2016), p.218.*

Imvugo mu myaka ibihumbi bine, 4000, cyangwa mu myaka ibihumbi bitandatu,6000, yakoreshejwe mu bitabo Uwifuzwa ibihe byose no mu Ntambara Ikomeye byavuzwe haruguru, ntabwo yerekeza ku gihe simusiga, oya, ahubwo ni mu gihe pendant, mu rurimi rw'Igifaransa, kubwo ibyo rero ntawabishingiraho yemeza kugaruka kwa Kristo ku italiki runaka mu mwaka uyu n'uyu.

### 3.5 Gutura ahitaruye imijyi

Gutura ahitaruye imijyi, no kuva mu mijyi kubera itegeko ryo kuruhuka ku munsi wa mbere w'icyumweru ni ibintu bitandukanye. Muri make, inyandiko z'Umwuka

w'Ubuhanuzi zirenguriza ku kuba irarika ryo gutura (abantu ku giti cyabo) cyangwa gukorera (ibigo) ahitaruye imijyi riri mu rwego rwo kunoza imibereho cyangwa imikorere ndetse no kwirinda ibyago byibasira imijyi.

Amagambo akurikira avuga impamvu z'inama zihabwa abantu ku giti cyabo ngo bite ku gutura ahitaruye imijyi: *"Sinashoboye gusinzira kugeza isaa munani z'iri joro ryakeye.* Muri iryo joro nari ndi mu nama. Ningingiraga imiryango imwe kwikoreshereza uburyo Imana yashyizeho maze bakava mu mijyi kugira ngo bakize abana babo. Bamwe barazariraga ntibakoreshe imbaraga badakebakeba. Abamarayika b'abanyampuhwe bihutishije Loti n'umugore we n'abakobwa be babafashe mu maboko. Iyo Loti aza kuba yarihuse nk'uko Uwiteka yabyifuzaga, ntabwo umugore we aba yarahindutse inkingi y'umunyu. Loti yari afite umwuka wo gutindiganya cyane. Nimucyo twe kuba nka we. Rya jwi ryaburiye Loti kuva muri Sodomu natwe riratubwira riti, «Nuko muve hagati ya ba bandi, mwitandukanye kandi ntimugakore ku kintu gihumanye » (2Abakorinto 6:17)".

"Abantu bumvira uyu muburo bazabona ubuhungiro. Reka buri muntu wese akanguke rwose ku bwe maze agerageze gukiza umuryango we. Reka akenyere kugira ngo ajye ku murimo. Uko intambwe zizajya zisimburana Imana izahishura igikwiye gukorwa ku ntambwe ikurikiraho. Nimwumve ijwi ry'Imana rivugira mu ntumwa Pawulo: "Musohoze agakiza kanyu mutinya, muhinda umushyitsi, kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira" (Abafilipi 2:12, 13). Loti yagenze mu kibaya agenda adashaka kandi yikerereza. Yari amaze igihe kirekire yarifatanyije n'inkozi z'ibibi ku buryo atashoboraga kubona akaga arimo kugeza ubwo umugore we yahindukiye inkingi y'umunyu mu kibaya."



"Nimureke abana be kongera gushyirwa imbere y'ibishuko byo mu mijyi igiye kurimbuka. Imana yatwohereje imiburo n'inama zo kuva mu mijyi. Ku bw'ibyo nimucyo twe kugira ibyo dushora mu mijyi. Babyeyi ni mu buhe buryo mubonamo imitima y'abana banyu? Mbese muri gutegurira abagize imiryango yanyu guhindurirwa kuzaba mu bikari byo mu ijuru? Mbese muri kubategurira kuba abagize umuryango wa cyami? Abana b'Umwami w'ijuru? "Kandi umuntu byamumarira iki gutunga ibintu byose byo ku isi, niyakwa ubugingo bwe?" (Mariko 8:36). Ni mu buhe buryo kubaho ubuzima bworoheje, bunejeje, buhuje n'imigambi yanyu n'ibyo mwifuza byagereranywa n'agaciro k'ubugingo bw'abana banyu." —*Ellen G. White, Ubutumwa Bwatoranyijwe, umuzingo wa 2, p. 402–403.*

Hari kandi n'ibindi bitabo by'Umwuka w'Ubuhanuzi bibonekamo ubu butumwa. Aha turatanga ingero (zimwe muri zo zanakusanirijwe mu gitabo *Last-Day Events*):

"Mu mijyi ni ho hirundanyirije urukurikirane rw'ibinezeza no kwishimisha. Ababyeyi benshi bahitamo gutuza abana babo mu mijyi biringiye ko ari ho bagiye kubageza ku byiza bikomeye, babyihana imburagihe kandi bakicuza ifuti ryabo rikomeye cyane. Imijyi ya none iri guhinduka vuba cyane nka Sodomu na Gomora. Iminsi myinshi y'ibiruhuko ihembura ubunebwe. Imikino ikangura abantu–kujya mu byumba byerekanirwamo ibirangaza by'ikinamico, kujya mu masiganwa, amazu y'imikino, ibinyobwa n'imyidagaduro– ibyo bikangura irari ry'uburyo butandukanye ku rwego ruheranije. Abasore batwawe n'umuvumba rusange." —*Ellen G. White, Christ's Object Lessons (1900), p. 54.*

Neretswe ko imijyi izuzuramo urudubi, guhohotera abantu no kugira urugomo, kandi ko ibi bintu bizarushaho kwiyongera kugeza ku iherezo ry'amateka y'iyi si." —*Ellen G. White, Testimonies vol. 7 (1902), p. 84.*

"Igihe ikiganza cy'uburinzi bw'Imana kizakurwaho, umurimbuzi azatangira umurimo we. Ubwo ni bwo amahano akomeye cyane azisuka ku mijyi yacu." *-Ellen G. White, Manuscript Release vol. 3 (1897), p. 314.*

Ibigo nabyo byahawe inama zo kuba ahantu hitaruye imijyi, nk'uko dukomeza kubibona mu gitabo cyitwa *Ubutumwa Bwatoranijwe*:

"Ku bw'ayo mashyirahamwe y'abakozi, mu gihe gito ntibizaba byoroheye ibigo byacu gukomereza umurimo wabyo mu mijyi. Umuburo wanjye ni uyu ukurikira: nimwitarure imijyi. Mwikubaka ibigo by'ubuzima mu mijyi." *—Ellen G. White, Ubutumwa Bwatoranijwe, umuzingo wa 2 (2011), igice cya 14, p. 151.*

"Amabwiriza aracyakomeza gutangwa ngo, "Muve mu mijyi. Nimwubake amavuriro yanyu, amashuri yanyu n'amazu mukoreramo kure y'imijyi." Ubu abantu benshi bazasaba kuguma mu mijyi, nyamara igihe kizagera bidatinze ubwo abantu bose bifuza kwirinda kubona no kumva ibibi bazajya mu cyaro kubera ko ubugome no kwangirika biziyongera kugera ku rwego rw'uko umwuka urangwa mu mijyi uzaba wanduye.

"Imana yagiye yohereza imiburo ikurikirana ivuga ko amashuri yacu, amacapiro yacu n'amavuriro yacu agomba kubakwa ahatari mu mijyi, ahantu urubyiruko rushobora kwigishwa neza icyo ukuri ari cyo. Nimucyo he kugira umuntu n'umwe ugerageza gukoresha Ibihamya ngo ashyigikire gushingwa kw'ibigo bigari bizana inyungu mu mijyi. Ntimuhindure ubusa umucyo watanzwe kuri iyi ngingo.

"Hazahaguruka abantu bazaza bavuga amagambo mabi, kugira ngo basenye amatsinda Uwiteka ayoboye abagaragu be ngo bakore. Nyamara igihe kirageze ngo abagabo n'abagore batekereze ku mpamvu yabyo n'ingaruka bitera.



Igihe cyo gushinga ibikorwa byagutse mu mijyi cyarashize rwose, kandi guhamagarira abasore n'inkumi kuva mu cyaro bakajya mu mijyi byarangije igihe cyabyo. Mu mijyi hagenda haduka imibereho izatuma bikomerera cyane abo duhuje kwizera ngo babe bayigumamo. Bityo byaba ari ikosa rikomeye gushora amafaranga mu gushinga ibikorwa ubizana mu mijyi." *-Ellen G. White, Ubutumwa Bwatoranijwe, umuzingo wa 2 (2016), p. 405.*

Ku rundi ruhande, Umwuka w'Ubuhanuzi arararikira abizera kubwiriza ubutumwa imijyi, ndetse iryo bwirizabutumwa rinarimo guha abatuye imijyi ibigo bibafasha kumva ubutumwa bw'Imana, nk'uko tubibona mu magambo akurikira:

"Umwijima utwikiriye isi yose urushijeho kuba icuraburindi mu midugudu ituwe cyane. Mu mijyi ni ho umubwirizabutumwa ahurira no kwinangira gukomeye cyane n'amakene menshi. Nyamara kandi, muri iyo mijyi, ni na ho abigarurira imitima babonera ibihe byiza cyane. Hariho imitima myinshi ishakashaka umucyo no kwera k'umutima, iri mu isibaniro ry'abantu batita ku Mana no ku ijuru. Ndetse no muri ba simbirimo n'abatagira icyo bitaho, harimo imitima myinshi ishobora gukabakabwa iramutse ihishuriwe urukundo Imana ifitiye abantu." *—Ellen G. White, Review and Herald (Urwibutso n'Integuza), 17/11/1910.*

Dushobora gukora byinshi biruta ibyo dukora ngo turokore kandi turere abana b'abatarāshobora gusohoka mu mijyi kuri ubu. Aho ni ho hari intego ikeneye umuhati wacu ukomeye. Birakenewe ko hubakwa amashuri y'itorero ku bana bo mu mijyi, maze dufatanirije hamwe n'ibyo bigo by'amashuri, tugomba gufata ingamba kugira ngo twiringire imiterere y'inyigisho z'ingenzi bazahahererwa." *—Ellen G. White, Child Guidance (1903), p. 306,*

"Amazu yacu acuruza ibyokurya agomba kuba mu mijyi; kubera ko bitagenze bityo abakozi bakora muri ayo mazu

ntibashobora kugera ku bantu ngo babigishe amahame y'imibereho itunganye." *-Ellen G. White, Ubutumwa Bwatoranijwe, umuzingo wa 2 (2011), igice cya 14, p. 151.*

"Incuro nyinshi Uhoraho yaduhaye amabwiriza ko tugomba kuburira imijyi duturutse hanze yayo. Tugomba kugira amazu yo gusengerwamo muri iyo mijyi kugira ngo abe inzibutso z'Imana; ariko ibigo by'amacapiro y'inyandiko zacu, ibigo bivurirwamo abarwayi n'ibyo abakozi bigishirizwamo bigomba gushingwa hanze y'imijyi. By'umwihariko ni ingenzi ko urubyiruko rwacu rugomba kurindwa ibishuko by'imibereho yo mu mujyi." *-Ellen G. White, Ubutumwa Bwatoranyijwe, (2016), p.406.*

Ikindi cyo kwitabwaho, ni uko kwitarura imijyi bigomba gukorwa buhoro buhoro bidahubukiwe, nk'uko tubibona mu magambo akurikira:

"Buhoro buhoro, uko igihe kirushaho kwīgira imbere, abizera bacu bazaba bagomba gusohoka mu mijyi. Mu myaka myinshi, twahawe amabwiriza yo kubwira bene Data na bashiki bacu, ndetse by'umwihariko imiryango ifite abana, ko ari ngombwa gutegura imigambi yo kuva mu mijyi igihe cyose tubiboneye uburyo. Benshi bazaba bagomba gukorana umwete ngo babibonere ubushobozi. Ariko igihe bagitegereje ko byabashobokera, bagomba gukora umurimo ukomeye w'ivugabutumwa, kabone n'ubwo imbaraga y'icyitegererezo cyabo yaba ari nkeya." *-Ellen G. White, Selected Messages, vol. 2 (1906), p. 360.*

"Buri wese nafate igihe cyo kwiga kuri buri kantu kose abyitayeho, kandi twirinde kuba nka wa mugabo wo mu mugani watangiye kubaka ariko ntashobore kuzuza. Ntitugomba kwiyemeza kwimuka tutarigeze twita ku ngaruka zabyo, kandi tutarapimye uburemere bw'icyo kibazo..." —*Ellen G. White, Selected Messages, vol. 2 (1893), p. 362.*



"Bamwe bazahubukira gukora igikorwa gishya maze binjire mu bintu bataziho n'agace. Ibyo si byo Imana ikeneye..." *-Ellen G. White, Selected Messages, vol. 2 (1893), p. 362.*

"Ntitukagire na kimwe dukora mu ihubi no mu kajagari byaduteza igihombo gikomeye no gutakaza amafaranga y'ubusa tukazaba twarabyishoyemo bikomotse ku magambo akakaye kandi ahubukiwe abyutsa ishyaka rigurumana rihabanye cyane n'ubushake bw'Imana. Maze intsinzi byari ngombwa ko yegukanwa, bitewe no kudashyira mu gaciro, kudatekereza no kubura ubwenge mu gufata ibyemezo, ikazahindukamo gutsindwa" *-Ellen G. White, Selected Messages, vol. 2 (1893), p. 363.*

**Ni iki abantu basoma izi nama bakwiye kwitaho?**

"Inyandiko za Ellen G. White zigaruka kenshi ku byiza byo gutura mu cyaro. Ubwo ibiriho byerekana ko isi yerekeza mu bihe biheruka, Abadiventisiti b'Ubumunsi wa Karindwi bibuka amabwiriza yerekeye kuva mu mijyi yuzuyemo umuvundo (congestion), kwangirika (corruption) n'amakimbirane (conflict). Imijyi ntabwo ari ahantu habereye imiryango ya gikirisito." *-Ellen G. White, Country Living (1907), p. 1.*

Nubwo bimeze biryo, inama zitangwa zakusanirijwe muri iki gitabo {*Country Living*} zitanga imbuzi zo kwirinda gufata ibyemezo bihutiyeho. Buri muntu na buri muryango ukwiye kwiga aya mabwiriza, ukayatekerezaho, ukayasengera, ukareba kandi ugasuzuma amahitamo atandukanye, ugasaba Imana ngo imumurikire.

Amagambo akurikira yo agaragaza ko Imana izasubiza, icire abantu inzira mu gushyira mu bikorwa izi nama:

"Uko dusatira ibihe biri imbere, abantu bacu bizaba ngombwa ko bava mu mijyi. Mu myaka myinshi, benedata na bashiki bacu by'umwihariko imiryango ifite abana, twahawe amabwiriza yo kuva mu mijyi, bakwiye gutegura

gahunda yo kuva mu mijyi uko babonye inzira zo kubikora zifunguka. Ariko mu gihe ibyo bitarashoboka, bakaba bakiri mu mijyi, bakwiye kuhakora umurimo, nubwo ubwinyagamburiro baba bafite bwaba ari buto." —*Ellen G. White, Review and Herald (Urwibutso n'Integuza), 27/09/1906; Country Living (1907), p. 24.*

Imana izafasha iyo miryango kubona aho batura hitaruye imijyi. —*Ellen G. White, Medical Ministry (1902), p. 310; Country Living (1907), p. 24.*

Muri iyi si yabaye umudugudu kubera ikusanya mico (globalization), ikoranabuhanga ndetse n'iterambere ryihuta birimo gutuma imibereho y'abantu ihinduka cyane, ubu ahafatwaga nk'icyaro mu myaka ya kera, naho hageze iterambere rizanye n'ingorane zaryo, bikaba ari ingenzi cyane ko mu guhitamo aho gutura tudakwiye kureba gusa inyito ikoreshwa mu buyobozi bwa Leta cyangwa mu yandi magambo uko Leta yita ahantu ko ari icyaro cyangwa umujyi, ahubwo ikigomba kwitabwaho ni ukureba ko ibibi binengwa imijyi ari byo: umuvundo (congestion), kwangirika (corruption) n'amakimbirane (conflict),.... Ellen G. White, *Country Living (1907), p. 1.* bitiganje aho hantu, no kureba niba ibyiza bishakwa ku hitwa icyaro ari byo: uburere bwiza bw'abana, amashuri, amajyambere mu bya mwuka, imibereho myiza harimo kubonera umuryango ibiwutunga birimo akazi, ubuvuzi n'ibindi bya ngombwa nkenerwa bishobora kuboneka aho hantu. *Country Living*, igice cya 4: Occupations in Rural locations.

Ntidukwiye kujenjeka no guhubuka igihe dushaka gukora amahitamo y'aho gutura hakurikijwe inama zitangwa mu bitabo by'umwuka w'Ubuhanuzi. Ni byiza ko twirinda gutura ahitwa icyaro gusa kandi hari bya bibazo byose twavuze haruguru bituma imijyi itaba ahantu heza ho guturwa kimwe no kwangira ahantu ko ari mu mbago z'umujyi nyamara hujuje bya byiza bikenewe ahiswe icyaro. Kwigana ubushishozi inama zatanzwe tumaze gusaba ubuyobozi bwa Mwuka Wera bizatuma dushyira mu bikorwa izi nama mu buryo bufitiye akamaro imiryango hirindwa akaga kazanwa n'ubwaka kimwe n'ubuhezanguni.

### 3.6 Itegeko ry'icyumweru no kuva mu mijyi

Nk'uko twabibonye haruguru, gutura ahitaruye imijyi, no kuva mu mijyi kubera itegeko ryo kuruhuka ku munsi wa mbere w'icyumweru ni ibintu bitandukanye. Ubuhanuzi bwo kuva mu mijyi n'imidugudu, aho bwatanzwe mu nyandiko z'Umwuka w'Ubuhanuzi, bujyana n'akarengane kazagera ku baruhuka Isabato y'ukuri:

"Nta gihe ubwoko bw'Imana bugifite cyo kumarira urukundo rwabo ku butunzi bwo mu isi cyangwa kuburundanya. Igihe ntikiri kure, ubwo, nk'uko byagendekeye abigishwa ba mbere, tuzahatirwa gushakira ubuhungiro ahantu h'ikidaturwa kandi hitaruye. Nkuko kugotwa kwa Yerusalemu n'ingabo z'Abaroma byari ikimenyetso cyo guhunga ku bakristo b'i Yudaya, ni ko rero n'igihugu cyacu nigikoresha ububasha mu itegeko rihatira kubahiriza isabato ya gipapa bizatubera umuburo. Icyo gihe kizaba igihe cyo kuva mu mijyi minini, twitegura no kuva mu mijyi mito tukajya mu nzu ziri ahantu hitaruye mu misozi. ..." —*Ellen G. White, Testimonies, vol. 5, p. 464.*

"Igihe iteka ry'abayobozi banyuranye b'amadini ya gikristo rirwanya abubahiriza amategeko y'Imana rizabambura kurengerwa n'ubutegetsi, kandi rikabagabiza abashaka kubatsemba, ubwoko bw'Imana buzahunga imijyi n'ibirorero bwireme inteko bujye kwibera ahadatuwe hitaruye abandi mu bwigunge. Abenshi bazabona ubuhungiro mu ubuvumo mu mpinga z'imisozi. Nk'uko byabaye ku bakristo b'Abavoduwa, impinga z'imisozi miremire ni zo bazahindura insengero, maze bashimire Imana ubuvumo bw'ibitare yabashakiye." —*Ellen G. White, Intambara Ikomeye, igice cya 39, p. 604.*

gahunda yo kuva mu mijyi uko babonye inzira zo kubikora zifunguka. Ariko mu gihe ibyo bitarashoboka, bakaba bakiri mu mijyi, bakwiye kuhakora umurimo, nubwo ubwinyagamburiro baba bafite bwaba ari buto." —*Ellen G. White, Review and Herald (Urwibutso n'Integuza), 27/09/1906; Country Living (1907), p. 24.*

Imana izafasha iyo miryango kubona aho batura hitaruye imijyi. —*Ellen G. White, Medical Ministry (1902), p. 310; Country Living (1907), p. 24.*

Muri iyi si yabaye umudugudu kubera ikusanya mico (globalization), ikoranabuhanga ndetse n'iterambere ryihuta birimo gutuma imibereho y'abantu ihinduka cyane, ubu ahafatwaga nk'icyaro mu myaka ya kera, naho hageze iterambere rizanye n'ingorane zaryo, bikaba ari ingenzi cyane ko mu guhitamo aho gutura tudakwiye kureba gusa inyito ikoreshwa mu buyobozi bwa Leta cyangwa mu yandi magambo uko Leta yita ahantu ko ari icyaro cyangwa umujyi, ahubwo ikigomba kwitabwaho ni ukureba ko ibibi binengwa imijyi ari byo: umuvundo (congestion), kwangirika (corruption) n'amakimbirane (conflict),.... Ellen G. White, *Country Living (1907), p. 1.* bitiganje aho hantu, no kureba niba ibyiza bishakwa ku hitwa icyaro ari byo: uburere bwiza bw'abana, amashuri, amajyambere mu bya mwuka, imibereho myiza harimo kubonera umuryango ibiwutunga birimo akazi, ubuvuzi n'ibindi bya ngombwa nkenerwa bishobora kuboneka aho hantu. *Country Living*, igice cya 4: Occupations in Rural locations.

Ntidukwiye kujenjeka no guhubuka igihe dushaka gukora amahitamo y'aho gutura hakurikijwe inama zitangwa mu bitabo by'umwuka w'Ubuhanuzi. Ni byiza ko twirinda gutura ahitwa icyaro gusa kandi hari bya bibazo byose twavuze haruguru bituma imijyi itaba ahantu heza ho guturwa kimwe no kwangira ahantu ko ari mu mbago z'umujyi nyamara hujuje bya byiza bikenewe ahiswe



icyaro. Kwigana ubushishozi inama zatanzwe tumaze gusaba ubuyobozi bwa Mwuka Wera bizatuma dushyira mu bikorwa izi nama mu buryo bufitiye akamaro imiryango hirindwa akaga kazanwa n'ubwaka kimwe n'ubuhezanguni.

### 3.6 Itegeko ry'icyumweru no kuva mu mijyi

Nk'uko twabibonye haruguru, gutura ahitaruye imijyi, no kuva mu mijyi kubera itegeko ryo kuruhuka ku munsi wa mbere w'icyumweru ni ibintu bitandukanye. Ubuhanuzi bwo kuva mu mijyi n'imidugudu, aho bwatanzwe mu nyandiko z'Umwuka w'Ubuhanuzi, bujyana n'akarengane kazagera ku baruhuka Isabato y'ukuri:

"Nta gihe ubwoko bw'Imana bugifite cyo kumarira urukundo rwabo ku butunzi bwo mu isi cyangwa kuburundanya. Igihe ntikiri kure, ubwo, nk'uko byagendekeye abigishwa ba mbere, tuzahatirwa gushakira ubuhungiro ahantu h'ikidaturwa kandi hitaruye. Nkuko kugotwa kwa Yerusalemu n'ingabo z'Abaroma byari ikimenyetso cyo guhunga ku bakristo b'i Yudaya, ni ko rero n'igihugu cyacu nigikoresha ububasha mu itegeko rihatira kubahiriza isabato ya gipapa bizatubera umuburo. Icyo gihe kizaba igihe cyo kuva mu mijyi minini, twitegura no kuva mu mijyi mito tukajya mu nzu ziri ahantu hitaruye mu misozi. ..." —*Ellen G. White, Testimonies, vol. 5, p. 464.*

"Igihe iteka ry'abayobozi banyuranye b'amadini ya gikristo rirwanya abubahiriza amategeko y'Imana rizabambura kurengerwa n'ubutegetsi, kandi rikabagabiza abashaka kubatsemba, ubwoko bw'Imana buzahunga imijyi n'ibirorero bwireme inteko bujye kwibera ahadatuwe hitaruye abandi mu bwigunge. Abenshi bazabona ubuhungiro mu ubuvumo mu mpinga z'imisozi. Nk'uko byabaye ku bakristo b'Abavoduwa, impinga z'imisozi miremire ni zo bazahindura insengero, maze bashimire Imana ubuvumo bw'ibitare yabashakiye." —*Ellen G. White, Intambara Ikomeye, igice cya 39, p. 604.*

Ikindi cyo kuzirikana ni uko hari abera bazaba bakiri mu mijyi mu gihe cy'akarengane, bitewe ni uko hamwe na hamwe akarengane gatangira mbere y'itangazwa ry'itegeko ryo kubaciraho iteka, cyangwa se bakazasakiranywa bakiri mu nzira zo guhunga imijyi nyuma y'itangwa ry'iryo tegeko. Muri ibyo byose, ukoboko kw'isumbabyose kuzarinda abera bayo, nk'uko tubibona mu magambo akurikira:

"Mu gihe cy'akaga, twese twahunze imijyi n'ibirorero, ariko twakurikiranywe n'ababi, binjiraga mu mazu y'abera ku gahato, n'inkota mu ntoki." —*Ellen G. White, Inyandiko z'Ibanze (2018), p. 52.*

"Mu gihe abera basohokaga mu mijyi no mu birorero, bakurikiranywe n'ababi bashakaga kubica. Ariko inkota zabaga zabanguriwe kwica ubwoko bw'Imana zaravunaguritse maze zigwa hasi zitagifite ubushobozi nk'aho ari isakamburira ry'ibyatsi byumye. Abamarayika b'Imana barinze abera babakingira bakoresheje ingabo zabo." —*Ellen G. White, Inyandiko z'Ibanze (2018), p. 214.*

"N'ubwo itegeko-teka rizaba ryamaze gushyiraho isaha yo gutsemba abakomeza amategeko, abanzi babo bazatanguranwa n'iryo tegeko, bashaka kwaka intore z'Imana ubugingo bwazo mbere y'igihe cyagenwe. Nyamara nta n'umwe uzabasha guhita ku barinzi b'abanyambaraga bazaba bazengurutse buri mwizera wese w'indahemuka. Bamwe bazatabwa muri yombi igihe bazaba bahunga bava mu mijyi no mu midugudu; ariko inkota zizaba zibanguriwe kubatanyagura zizavunika maze zigwe hasi nk'ibikenyeri. Abandi bazarwanirirwa n'abamarayika bihinduye nk'abantu bambariye urugamba." —*Ellen G. White, Intambara Ikomeye (2018), p. 441.*

Byinshi mu byibazwa ku kuva mu mijyi n'itegeko rihatira abantu kuruhuka umunsi wa mbere w'icyumweru, wabisanga muri iki kinyamakuru *The Ministry* (cyagenewe abagabura), cyo muri Mutarama 1974, p. 24-25. *https://www.ministrymagazine.org/archive/1974/01/sunday-laws-and-leaving-the-cities*.



Ikindi kigomba kwitabwaho kuri iyi ngingo, ni uko ubwoko bw'Imana burarikirwa kutagomwa umurimo w'Imana ubutunzi bwabo ngo babuhunikire kwitegura ibihe by'akarengane. Ubwo butumwa buboneka mu magambo akurikira:

"Uwiteka yanyeretse kenshi ko mu gihe cy'akaga kwaba ari ugukora ibihabanye n'icyo Bibiliya yigisha turamutse tubikiye ibintu duteganyiriza ibyo tuzaba dukeneye icyo gihe. Neretswe ko mu gihe cy'akaga abera nibirundanyiriza ibyo kurya cyangwa bikaba biri mu mirima, ubwo inkota, inzara n'icyorezo bizaba biri mu gihugu, bazabyamburwa n'amaboko y'abagome kandi abantu batazi ni bo bazasarura imirima yabo. Kuri twe, icyo kizaba ari igihe cyo kwiringira Imana tutizigamye, kandi na yo izadukomeza. Nabonye ko icyo gihe tuzahabwa umugati n'amazi, kandi ko ntacyo tuzabura cyangwa ngo twicwe n'inzara, kuko Imana ifite ubushobozi bwo kudutegurira ameza mu butayu. Nibiba ngombwa izohereza ibikona kutugaburira nk'uko yabikoze ikagaburira Eliya, cyangwa igushe manu ivuye mu ijuru nk'uko yabikoreye Abisirayeli."

"Mu gihe cy'akaga, inzu n'amasambu ntacyo bizamarira abera, kuko icyo gihe bazaba bagomba guhunga imbere y'imbaga nini izaba yabarakariye, kandi icyo gihe ntibazaba bashobora kwikuraho ubutunzi bwabo ngo buteze imbere umurimo wo kwamamaza ukuri kugenewe iki gihe. Neretswe ko ari ubushake bw'Imana ko abera bakurirwaho ibibaremerera byose mbere y'uko igihe cy'akaga kigera, kandi bakagirana isezerano n'Imana ku bw'igitambo. Nibashyira ubutunzi bwabo ku gicaniro kandi bagasaba Imana kubashoboza inshingano yabo babikuye ku mutima, izabigisha igihe nyacyo cyo kwikuraho ubwo butunzi. Mu gihe cy'akaga bazaba bafite umudendezo,

badafite ibibaziga bibabuza gutambuka." *-Ellen G. White, Inyandiko z'Ibanze, p. 65-67.*

Mu gihe abantu bifuza kwitarura imijyi kubera guhunga ibibi biyibonekamo cyangwa kugira ngo bajye aho imibereho yarushaho kubabera myiza, ntibakwiriye kubyitiranya n'itegeko rya gihanuzi riburira abantu kuzasohoka mu mijyi kubw'itangazwa ry'itegeko ryo kuruhuka icyumweru, nk'uko twabibonye mu bitabo *Testimonies, vol. 5, p. 464; Intambara Ikomeye, p. 604.* Ikindi, bagomba kwiringira ko ukuboko k'Uwiteka ari ko kuzababeshaho (nk'uko twabibonye mu gitabo cya *Ellen G. White, Inyandiko z'Ibanze*, p. 65—67), ndetse na Bibiliya muri Matayo 28:20, kandi iri ni isezerano ry'Umugabo wo gukiranuka, Yesu Kristo.

Muri iki gihe twegereza ibihe bikomeye by`imperuka, nk`uko inama zavanwe mu nyandiko zavuzwe haruguru zibigaragaza, ni ngombwa kuba ibisonga bikoresha neza umutungo Imana yabaragije, ugakoreshwa mu murimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza, no kwirinda kuwugomwa umurimo w`Imana hatekerezwa ko ari ukuzigamira ibihe by`amage atewe n`akarengane.

### 3.7 Ingengabihe ya gihanuzi

Mu buhanuzi bwa Bibiliya dusangamo ikirangaminsi kitumenyesha uko ibihe bizakurikirana kugeza isi ihinduwe nshya.

Imirongo fatizo y'iki kirangamitsi tuyisanga mu buhanuzi bwo muri Daniel no mu Byahishuwe:

1. Uko ubwami buzasimburana kuva mu gihe cya Babuloni kugeza ku bwami bwa Kristo.:
   - Igishushanyo umwami Nebukadineza yarose cyerekana uko ubwami buzasimburana kugeza ku ngoma ya Kristo: Dan 2:25–45,
   - Inyamaswa enye Daniel yeretswe zishushanya ubwami uko buzasimburana: Daniel 7
2. Imyaka 2300 itangira muri 457 MK ikageza mu 1844 NK: Dan 8–9
3. Amatorero arindwi kuva ku Itorero ry'intumwa kugera kuri Lawodokiya: Ibyahishuwe 2, 3
4. Ibimenyetso birindwi bivuga ibihe birindwi ubutumwa bwiza buzabwirizwamo: Ibyahishuwe 5, 6, 8.
5. Impanda ndwi, ziboneka mu Byahishuwe 8, 9, 11
6. Imyaka igihumbi: Ibyahishuwe 20, 21

Amagambo ari mu Byahishuwe 10:6 "ntihazabaho ibihe ukundi" avuga iby'igihe cy'ubuhanuzi buvugwa muri Daniel, by'umwihariko iminsi 2300 ya gihanuzi yo muri Daniel 8:14. Nyuma y'icyo gihe, ibihe bya gihanuzi ntibizabaho ukundi. Ellen White avuga ko abantu batazongera kubwirwa ubutumwa burebana n'igihe cyahanuwe. Nyuma y'icyo gihe, uhereye mu 1842 ukageza 1844, nta kimenyetso simusiga cy'igihe cya gihanuzi gishobora kuboneka. Igihe cyibeshweho kera cyane ni icyo mu muhindo wo mu 1844."- *Ellen White comments, The SDA Bibile commentary, vol.7 p971 byakuwe mu Byigisho by'Ishuri ryo ku Isabato biyobora abakuze kwiga Bibiliya, Igitabo cy'Ibyahishuwe, igihembwe cya 1/2019, p. 71 mu Kinyarwanda.*

Na none muri ibi byigisho, ku ipaji ya 75, hari amagambo twasabwe gutekerezaho yavuzwe na EW: "Akenshi naburiwe ku byerekeranye no kugena igihe. Nta kindi gihe kindi hazabaho ubutumwa bwiza ku bantu b'Imana buzashingira ku gihe. Si ibyacu kumenya igihe nyacyo cyaba icyo gusukwa kwa Mwuka Muziranenge cyangwa icyo kugaruka kwa Kristo." *—Ellen G White, Ubutumwa Bwatoranyijwe, umuzingo wa 1 (2016), p. 217.*

Ukomeje ku rupapuro rwa 10, tuhasanga amagambo akurikira:" Hashize imyaka amagana menshi hari

uguhuzagurika kwinshi, ndetse hakabaho no gukabya, abantu bavuga ibizaba mu bihe biheruka. Bamwe birundanyirijeho ubutunzi bahanura ko iherezo riri bugufi, biboneye uburyo bwo kwikungahaza basaba abayoboke babo gutanga amafaranga yo gukora umurimo kubera ko iherezo riri bugufi. Nu bwo bimeze bityo, nta gihe batabivuze ariko imperuka ntiraza, kandi abantu bagiye bapfa kabiri mu rujijo, nta byiringiro bafite. Mu gihe Imana yagiye idukorera ibintu byinshi byiza, ubuhanuzi bushobora gukoreshwa nabi, bukanifashishwa mu nyungu z'abantu ku giti cyabo".

Ubuhanuzi bwavuzwe haruguru bwo muri Daniel n'Ibyahishuwe burihagije mu kutwereka aho ibihe bigeze. Ubusobanuro bwabwo buruzuzanya kandi ntabwo butanga urwaho rwo guhuzagurika no kugenekereza ugena igihe Yesu azazira.

Umwami Imana ntitinza isezerano ryayo, ahubwo nk'uko Petero yabitubwiye, itwihanganira idashaka ko hagira numwe urimbuka, yifuza ko twese twakwihana. Kuba Yesu ataragaruka ni imbabazi agirira abakiri mu mwijima. Ntabwo rero ari igihe cyo gukangaranywa ni uko tugenda dusatira imperuka, ni igihe cyo kwitegura no guteguza abandi gusanganira Umukiza, ngo dufatanye gutegereza ibyiringiro by'umugisha ari byo kuzaboneka k'Umukiza wacu.

## UMWANZURO

Iyi nyandiko y'ibanze ku mumaro w'ubuhanuzi ku mukristo, ivuga ku kimenyetso cy'Imana, ikimenyetso cy'inyamaswa no kwitegura kugaruka kwa Yesu. Isoza yibutsa ibimenyetso byo kugaruka kwa Yesu n'amakuru y'ibibera ku isi.

Mbere yo kwibutsa umumaro w'ubuhanuzi, hashingiwe ku mbuzi yatanzwe n'intumwa Petero mu rwandiko rwe rwa kabiri ko nta buhanuzi bwo mu Byanditswe bubasha gusobanurwa uko umuntu wese abyishakiye, iyi nyandiko yabanje kugaragaza uburyo bukwiye kwiyambazwa mu gihe cyo kwiga no kwigisha ubuhanuzi hagendewe ku nyandiko z'itorero z'ibanze kuri iyi ngingo.

Ubuhanuzi bwa Bibiliya bwatangiwe kugira ngo butange ibyiringiro ko, uko ahazaza hamera kose, Imana ntacyayisoba, byose ibifiteho ububasha. Bugaragaraza ko Yesu Kristo ari kumwe n'ubwoko bwe, mu mateka yose no mu bigeragezo bishishana byerekeza ku bunyuramo no mu bigeragezo bishishana byerekeza ku ndunduro y'isi. Ubuhanuzi bwose kandi bwerekeza kuri Yesu, umucunguzi, witanze agacungurira Imana abantu, ni umugaba w'ingabo akaba umwami. Ubuhanuzi buhuriza hamwe ibikubiye mu nama y'agakiza n'intambara ikomeye hagati ya Kristo na Satani, hagati y'icyiza n'ikibi, bukerekana ko indunduro yabyo ari uko abera bazimana na Kristo.

Iyi nyandiko kandi yagarutse ku kimenyetso Imana ishyira ku bwoko bwayo, ari cyo Mwuka wera. Abacyakiriye bakarangwa no gukomeza amategeko y'Imana yose harimo n'irya kane riturarikira kwibuka kweza isabato. Bazaba kandi ari abantu bashikamye bagundiriye ukuri, bakazarindwa ibyago birindwi by'imperuka.

Ikimenyetso cy'inyamaswa ni izina ryayo cyangwa umubare w'izina ryayo. Kizashyirwa ku bazemera kuramya inyamaswa bakimura Imana. Ubuhanuzi bwerekana ko kimwe mu bikorwa bizaranga uko kuramya inyamaswa ari ugusimbuza Isabato y'Imana isabato y'impimbano ari yo cyumweru bigakorwa abantu birengagije umucyo wa Bibiliya bazaba bahawe.

Ku byerekeye ibimenyetso byo kugaruka kwa Yesu n'amakuru y'ibibera ku isi, iyi nyandiko yagarutse ku byerekeranye n'imihindagurikire y'ikirere, ibyorezo muri rusange na Konoranavirusi by'umwihariko isoreza ku byerekeye no gutura ahitaruye imijyi.

Ku mihindagurikire y'ikirere, yavuze ku muti watanzwe na Papa aho mu butumwa bwe yagaragaje ko imyizerere ya Kiliziya harimo kuruhuka icyumweru ndetse n'amasakaramentu ari bimwe bu byakemura ikibazo cy'imihindagurikire y'ikirerere. Yagarutse ku kureba niba iki cyifuzo cya papa cyafatwa nko gutangazwa kw'itegeko ryo kuruhuka icyumweru, igaragaza ko atari ko biri kuko iri tegeko rizabanzirizwa no guhindura itegeko nshinga rya Leta zunze ubumwe z'Amerika ritanga umudendezo mu by'iby'idini.

Ku byerekeye ibyorezo, inyandiko yagaraje ko Korona Virusi ari kimwe mu byorezo byinshi byagiye byibasira isi. Yagaraje inama abahanga batanze kimwe n'izatanzwe n'Itorero, yibutsa inama zafasha abantu kumenya uko bakwitwara haba mu kwirinda no mu kwikingiza iki cyorezo.

Ku byerekeye gutura ahitaruye umujyi, inyandiko yibukije ko Ibitabo by'Umwuka w'Ubuhanuzi bitanga inama mu buryo bubiri. Ubwa mbere ni ugutura ahitaruye umujyi mu guteza imbere imibereho myiza y'abagize



umuryango haba mu kubona ibiwutunga, ubuzima bwiza n'uburere bw'abana. Yibukije kandi ko ari ngombwa cyane kudahubukira icyemezo cyo kuva mu mujyi bitatekerejweho neza ngo bitegurwe. Ubwa kabiri ni ukuva mu mijyi kubera guhunga inkurikizi z'itegeko ry'icyumweru. Aha inyandiko zigaragaza ko ubwo itegeko ryo kuruhuka icyumweru rizaba rimaze gutangwa, abantu bakwiye kuzihutira kuva mu mijyi kuko ubuzima buzarushaho kugora abaruhuka Isabato.

Mu kwanzuro, turazirikana ko igitabo cy'Ibyahishuwe kivuga ko ibigeragezo n'ibishuko byose bizabaho mu minsi y'imperuka bizasozwa, abera banditswe mu gitabo mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'Intama banesheje inyamaswa n'igishushanyo cyayo. Yohana yeretswe "abatabarutse banesheje ya nyamaswa n'igishushanyo cyacyo n'umubare w'izina ryayo, bahagaze kuri ya nyanja y'ibirahuri bafite inanga z'Imana" (Ibyah.15:2).

Kunesha ni ukw'Iyicaye ku ntebe n'ukw'Umwana w'Intama, naho ikiyoka, inyamaswa n'umuhanuzi w'ibinyoma, ibyabo ni ugutsindwa kuko "bazarwanya Umwana w'Intama, ariko Umwana w'Intama azabanesha kuko ari Umwami w'Abami n'Umutware utwara abatware." (Ibyah. 7:14) Mu gihe urupfu rwa kabiri rutabasha kugira icyo rutwara abaneshesha amaraso y'Umwana w'Intama, inyamaswa, ikiyoka, umuhanuzi w'ibinyoma n'umuntu wese utazaboneka ko yanditse mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'Intama umugabane wabo uri mu nyanja yaka umuriro n'amazuku ariyo rupfu rwa kabiri (Ibyah. 20:6, 10,15).

Imana igufashe guhitamo uruhande ruhorana gutsinda kandi urwo nta rundi ni urw'uwavuze ati "nimuhumure naneshejе isi" (Yoh. 16:33).